Ibirimo/Summary/Sommaire page/urup.

A. Itegeko Ngenga/ Organic Law / Loi Organique

N° 02/2017/OL ryo ku wa 20/04/2017
Itegeko Ngenga rishyiraho Igiswahili nk'ururimi rwemewe mu butegetsi……..3
N° 02/2017/OL of 20/04/2017
Organic Law establishing Kiswahili as an official language ……..3
N° 02/2017/OL du 20/04/2017
Loi Organique instituant le kiswahili comme langue officielle……...3

B. Itegeko / Law / Loi

Nº 13/2017 ryo ku wa 14/04/2017
Itegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo……7
Nº 13/2017 of 14/04/2017
Law establishing National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its mission, organisation and functioning……7
Nº 13/2017 du 14/04/2017
Loi portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses missions, son organisation et son fonctionnement …….7

C. Amateka ya Perezida / Presidential Orders / Arrêtés Présidentiels

N°144/01 ryo ku wa 13/04/2017
Iteka rya Perezida rigena uburyo bwo gushaka, gushyiraho no gushyira mu myanya abakozi ba Leta……...37
N°144/01 of 13/04/2017
Presidential Order determining modalities for recruitment, appointment and nomination of public servants……..37
N°144/01 du 13/04/2017
Arrêté Présidentiel déterminant les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'Etat……...37

N° 145/01 ryo ku wa 13/04/2017
Iteka rya Perezida rizamura mu ntera ba Komiseri, Ofisiye Bakuru na Ofisiye Bato ba Polisi y'u Rwanda……...66
N° 145/01 of 13/04/2017
Presidential Order promoting Commissioners, Senior Officers and Junior Officers of Rwanda National Police…….66
N° 145/01 du 13/04/2017
Arrêté Présidentie portant promotion des Commissaires, Officiers Supérieurs et Officiers Subalternes de la Police Nationale du Rwanda…….66

N° 146/01 ryo ku wa 13/04/2017
Iteka rya Perezida ryirukana ba Ofisiye mu Ngabo z'u Rwanda…….98
N° 146/01 of 13/04/2017
Presidential Order dismissing Officers from Rwanda Defence Forces……..98
N° 146/01 du 13/04/2017
Arrêté Présidentie portant révocation des Officiers des Forces Rwandaises de Défense……...98

ITEGEKO NGENGA N° 02/2017/OL RYO KU WA 20/04/2017 RISHYIRAHO IGISWAHILI NK'URURIMI RWEMEWE MU BUTEGETSI

ORGANIC LAW N°02/2017/OL OF 20/04/2017 ESTABLISHING KISWAHILI AS AN OFFICIAL LANGUAGE

LOI ORGANIQUE N°02/2017/OL DU 20/04/2017 INSTITUANT LE KISWAHILI COMME LANGUE OFFICIELLE

ISHAKIRO

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Ingingo ya 2: Imikoreshereze y'ururimi rw'Igiswahili

Ingingo ya 3: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

TABLE OF CONTENTS

Article One: Purpose of this Organic Law

Article 2: Use of Kiswahili language

Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

Article 4: Commencement

TABLE DES MATIERES

Article premier: Objet de la présente loi organique

Article 2: Modalités d'usage du kiswahili

Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

Article 4: Entrée en vigueur

ITEGEKO NGENGA N° 02/2017/OL RYO KU WA 20/04/2017 RISHYIRAHO IGISWAHILI NK'URURIMI RWEMEWE MU BUTEGETSI

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO NGENGA RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'URWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 28 Werurwe 2017;

Sena, mu nama yayo yo ku wa 22 Gashyantare 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 8, iya 64, iya 69, iya 70, iya 85; iya 87, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120 n'iya 176;

YEMEJE:

ORGANIC LAW N°02/2017/OL OF 20/04/2017 ESTABLISHING KISWAHILI AS AN OFFICIAL LANGUAGE

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING ORGANIC LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

THE PARLIAMENT:

The Chamber of Deputies, in its session of 28 March 2017;

The Senate, in its session of 22 February 2017;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 8, 64, 69, 70, 85, 87, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120 and 176;

ADOPTS:

LOI ORGANIQUE N°02/2017/OL DU 20/04/2017 INSTITUANT LE KISWAHILI COMME LANGUE OFFICIELLE

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI ORGANIQUE DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

LE PARLEMENT:

La Chambre des Députés, en sa séance du 28 mars 2017;

Le Sénat, en sa séance du 22 février 2017;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 8, 64, 69, 70, 85, 87, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120 et 176;

ADOPTE:

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko ngenga rigamije

Iri tegeko ngenga rishyiraho Igiswahili mu ndimi zikoreshwa mu butegetsi.

Ingingo ya 2: Imikoreshereze y'ururimi rw'Igiswahili

Iteka rya Perezida rigena imikoreshereze y'Igiswahili mu Rwanda.

Ingingo ya 3: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko ngenga

Iri tegeko ngenga ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Ingingo ya 4: Igihe iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ngenga ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.

Kigali, ku wa 20/04/2017

Article One: Purpose of this Organic Law

This Organic Law establishes Kiswahili as an official language.

Article 2: Use of Kiswahili language

A Presidential Order determines the use of Kiswahili language in Rwanda.

Article 3: Drafting, consideration and adoption of this Organic Law

This Organic Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 4: Commencement

This Organic Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda**.**

Kigali, on 20/04/2017

Article premier: Objet de la présente loi organique

La présente loi organique institue le kiswahili comme langue officielle.

Article 2: Modalités d'usage du kiswahili

Un arrêté présidentiel détermine les modalités d'usage du kiswahili au Rwanda.

Article 3: Initiation, examen et adoption de la présente loi organique

La présente loi organique a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Article 4: Entrée en vigueur

La présente loi organique entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, le 20/04/2017

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/Attorney General

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/Garde des Sceaux

ITEGEKO Nº 13/2017 RYO KU WA 14/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE IYOHEREZWA MU MAHANGA RY'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI (NAEB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW Nº13/2017 OF 14/04/2017 ESTABLISHING NATIONAL AGRICULTURAL EXPORT DEVELOPMENT BOARD (NAEB) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI Nº 13/2017 DU 14/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE NATIONAL DE DEVELOPPEMENT DES EXPORTATIONS AGRICOLES (NAEB) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

Ingingo ya 3: Icyiciro NAEB iherereyemo

Ingingo ya 4: Icyicaro cya NAEB

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA NAEB

Ingingo ya 5: Inshingano za NAEB

Ingingo ya 6: Ububasha bwa NAEB

TABLE OF CONTENTS

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

Article 2: Legal personality and autonomy

Article 3: Category of NAEB

Article 4: Head office of NAEB

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF NAEB

Article 5: Mission of NAEB

Article 6: Powers of NAEB

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

Article 2: Personnalité juridique et autonomie

Article 3: Catégorie de NAEB

Article 4: Siège de NAEB

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE NAEB

Article 5: Missions de NAEB

Article 6: Pouvoirs de NAEB

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA NAEB N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO	**CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF NAEB AND PERFORMANCE CONTRACT**	**CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE NAEB ET CONTRAT DE PERFORMANCE**
Ingingoya 7: Urwego rureberera NAEB	**Article 7: Supervising authority of NAEB**	**Article 7: Autorité de tutelle de NAEB**
Ingingo ya 8: Amasezerano y'imihigo	**Article 8: Performance contract**	**Article 8: Contrat de performance**
UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA NAEB	**CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NAEB**	**CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NAEB**
Ingingo ya 9: Inzego z'ubuyobozi za NAEB	**Article 9: Management organs of NAEB**	**Article 9: Organes de direction de NAEB**
Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya NAEB	**Section One: Board of Directors of NAEB**	**Section première: Conseil d'Administration de NAEB**
Ingingo ya 10: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB	**Article 10: Composition of the Board of Directors of NAEB**	**Article 10: Composition du Conseil d'Administration de NAEB**
Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB	**Article 11: Responsibilities of the Board of Directors of NAEB**	**Article 11: Attributions du Conseil d'Administration de NAEB**
Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi	**Article 12: Duties of the Chairperson of the Board of Directors**	**Article 12: Attributions du Président du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 13: Inshingano za Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB	**Article 13: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of NAEB**	**Article 13: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration de NAEB**
Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB	**Article 14: Incompatibilities with membership in the Board of Directors of NAEB**	**Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration de NAEB**

Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa	**Article 15: Reasons for loss of membership in the Board of Directors of NAEB and modalities for replacement**	**Article 15: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration de NAEB et modalités de remplacement**
Ingingo ya 16: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB n'ifatwa ry'ibyemezo	**Article 16: Convening and holding of the meeting of the Board of Directors of NAEB and modalities for decision making**	**Article 16: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB et les modalités de prise de décisions**
Ingingo ya 17: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB	**Article 17: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of NAEB**	**Article 17: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration**
Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB n'inyandikomvugo yayo	**Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of NAEB**	**Article 18: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB**
Ingingo ya 19: Umwanditsi w'inama y'Inama y'ubuyobozi ya NAEB	**Article 19: Rapporteur of the Board of Directors of NAEB**	**Article 19: Rapporteur du Conseil d'Administration de NAEB**
Ingingo ya 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa	**Article 20: Personal interest in issues on the agenda**	**Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour**
Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama	**Article 21: Sitting allowances for members of the Board of Directors**	**Article 21: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration**
Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa	**Section 2: Executive Organ**	**Section 2: Organe Exécutif**
Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa	**Article 22: Composition of the Executive Organ**	**Article 22: Composition de l'Organe Exécutif**
Ingingo ya 23: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB	**Article 23: Powers and duties of the Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB**	**Article 23: Pouvoirs et attributions du Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB**

Ingingo ya 24: Sitati igenga abakozi ba NAEB	**Article 24: Statutes governing NAEB staff members**	**Article 24: Statut régissant le personnel de NAEB**
Ingingo ya 25: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo	**Article 25: Organisational structure**	**Article 25: Structure organisationnelle**
Ingingo ya 26: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba NAEB	**Article 26: Salaries and fringe benefits for the staff of NAEB**	**Article 26: Salaires et avantages accordés au personnel de NAEB**
UMUTWE WA V: IMIKORERE YA NAEB	**CHAPTER V: FUNCTIONING OF NAEB**	**CHAPITRE V: FONCTIONNEMENT DE NAEB**
Ingingo ya 27: Uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego za NAEB	**Article 27: Functioning and collaboration of NAEB organs**	**Article 27: Fonctionnement et collaboration des organes de NAEB**
UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BYA NAEB	**CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE OF NAEB**	**CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE NAEB**
Ingingo ya 28: Umutungo wa NAEB n'inkomoko yawo	**Article 28: Property of NAEB and its sources**	**Article 28: Patrimoine de NAEB et ses sources**
Ingingo ya 29: Kwegurirwa umutungo	**Article 29: Transfer of property**	**Article 29: Transfert du patrimoine**
Ingingo ya 30: Itegurwa n'iyemeza ry'ingengo y'imari	**Article 30: Preparation and adoption of budget**	**Article 30: Préparation et adoption du budget**
Ingingo ya 31: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo	**Article 31: Use, management and audit of property**	**Article 31: Utilisation, gestion et audit du patrimoine**
Ingingo ya 32: Raporo y'umwaka w'ibaruramari	**Article 32: Annual financial report**	**Article 32: Rapport annuel de l'exercice comptable**

UMUTWE WA VII: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA	**CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES**
Ingingo ya 33: Agaciro k'ibyakozwe n'igihe cy'inzibacyuho	**Article 33: Validity of undertaken actions and transitional period**	**Article 33: Validité des actes accomplis et période transitoire**
Ingingo ya 34: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko	**Article 34: Drafting, consideration and adoption of this Law**	**Article 34: Initiation, examen et adoption de la présente loi**
Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko	**Article 35: Repealing provision**	**Article 35: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 36: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa	**Article 36: Commencement**	**Article 36: Entrée en vigueur**

ITEGEKO Nº 13/2017 RYO KU WA 14/04/2017 RISHYIRAHO IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE GUTEZA IMBERE IYOHEREZWA MU MAHANGA RY'IBIKOMOKA KU BUHINZI N'UBWOROZI (NAEB) RIKANAGENA INSHINGANO, IMITERERE N'IMIKORERE BYACYO

LAW Nº13/2017 OF 14/04/2017 ESTABLISHING NATIONAL AGRICULTURAL EXPORT DEVELOPMENT BOARD(NAEB) AND DETERMINING ITS MISSION, ORGANISATION AND FUNCTIONING

LOI Nº13/2017 DU 14/04/2017 PORTANT CREATION DE L'OFFICE NATIONAL DE DEVELOPPEMENT DES EXPORTATIONS AGRICOLES (NAEB) ET DETERMINANT SES MISSIONS, SON ORGANISATION ET SON FONCTIONNEMENT

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA, KANDI DUTEGETSE KO RYANDIKWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA

THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA

LE PARLEMENT A ADOPTE ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIEE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA REPUBLIQUE DU RWANDA

INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:

THE PARLIAMENT:

LE PARLEMENT:

Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 15 Gashyantare 2017;

The Chamber of Deputies, in its session of 15 February 2017;

La Chambre des Députés, en sa séance du 15 février 2017;

Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 53, iya 64, iya 69, iya 70, iya 88, iya 90, iya 91, iya 106, iya 112, iya 119, iya 120, iya 139, iya 165 n'iya 176;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 and 176;

Vu la Constitution de la République du Rwanda de 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 53, 64, 69, 70, 88, 90, 91, 106, 112, 119, 120, 139, 165 et 176;

Ishingiye ku Itegeko Ngenga nº 001/2016/OL ryo ku wa 20/04/2016 rishyiraho amategeko rusange agenga ibigo bya Leta;

Isubiye ku Itegeko nº 39/2010 ryo ku wa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Guteza Imbere Iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo;

YEMEJE:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri tegeko rigamije

Iri tegeko rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi, cyitwa NAEB mu magambo ahinnye y'Icyongereza. Rigena kandi inshingano, imiterere n'imikorere byacyo.

Ingingo ya 2: Ubuzimagatozi n'ubwisanzure

NAEB ifite ubuzimagatozi, ubwigenge n'ubwisanzure mu miyoborere no mu micungire y'umutungo n'abakozi byayo, icungwa kandi hakurikijwe amategeko abigenga.

Pursuant to Organic Law nº 001/2016/OL of 20/04/2016 establishing general provisions governing public institutions;

Having reviewed Law nº 39/2010 of 25/11/2010 establishing National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organisation and functioning;

ADOPTS:

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Law

This Law establishes the National Agricultural Export Development Board, abbreviated as "NAEB". It also determines its mission, organisation and functioning.

Article 2: Legal personality and autonomy

NAEB has legal personality and enjoys administrative and financial autonomy and is also managed in accordance with relevant laws.

Vu la Loi Organique nº 001/2016/OL du 20/04/2016 portant dispositions générales régissant les établissements publics;

Revu la Loi nº 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement;

ADOPTE:

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet de la présente loi

La présente loi porte création d'un Office National de Développement des Exportations Agricoles, «NAEB» en sigle anglais. Elle détermine également ses missions, son organisation et son fonctionnement.

Article 2: Personnalité juridique et autonomie

NAEB est doté de la personnalité juridique et jouit d'une autonomie administrative et financière et est également géré conformément à la législation en la matière.

Ingingo ya 3: Icyiciro NAEB iherereyemo

NAEB iri mu cyiciro cy'ibigo bya Leta bikora imirimo y'ubucuruzi.

Ingingo ya 4: Icyicaro cya NAEB

Icyicaro cya NAEB kiri mu Mujyi wa Kigali, Umurwa Mukuru wa Repubulika y'u Rwanda. Gishobora kwimurirwa ahandi hose mu Rwanda, igihe bibaye ngombwa.

NAEB ishobora kugira amashami ahandi hose mu Gihugu cyangwa mu mahanga igihe bibaye ngombwa byemejwe n'Inama y'Ubuyobozi.

UMUTWE WA II: INSHINGANO N'UBUBASHA BYA NAEB

Ingingo ya 5: Inshingano za NAEB

NAEB ifite inshingano zikurikira:

1º gutanga inama mu kugena politiki n'ingamba bigamije guteza imbere ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi bijyanye n'ibisabwa ku masoko mpuzamahanga;

2º gushyira mu bikorwa politiki n'ingamba bigamije guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi bijyanye n'ibisabwa ku masoko mpuzamahanga;

Article 3: Category of NAEB

NAEB falls within the category of commercial public institutions.

Article 4: Head office of NAEB

The head office of NAEB is located in the City of Kigali, the Capital of the Republic of Rwanda. It may be transferred elsewhere on the Rwandan territory when considered necessary.

NAEB may have branches within the country or outside the country where necessary upon approval by the Board of Directors.

CHAPTER II: MISSION AND POWERS OF NAEB

Article 5: Mission of NAEB

NAEB has the following mission:

1º to advise on the development of policy and strategies for developing exports of agricultural and livestock products meeting international market requirements;

2º to implement policy and strategies for developing exports of agricultural and livestock products meeting international market requirements;

Article 3: Catégorie de NAEB

NAEB rentre dans la catégorie des institutions publiques à caractère commercial.

Article 4: Siège de NAEB

Le siège de NAEB est établi dans la Ville de Kigali, Capitale de la République du Rwanda. Il peut, en cas de besoin, être transféré en tout autre lieu du territoire du Rwanda.

NAEB peut avoir des branches dans le pays ou à l'étranger en cas de besoin sur approbation du Conseil d'Administration.

CHAPITRE II: MISSIONS ET POUVOIRS DE NAEB

Article 5: Missions de NAEB

Les missions de NAEB sont les suivantes:

1º donner des conseils sur l'élaboration de la politique et de stratégies de développement des exportations de produits agricoles et d'élevage satisfaisant aux exigences du marché international;

2º mettre en œuvre la politique et les stratégies de développement des exportations de produits agricoles et d'élevage satisfaisant aux exigences du marché international;

3º gufatanya no guhuza ibikorwa by'inzego z'abafatanyabikorwa mu bijyanye no gutegura no kohereza mu mahanga ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi;	3º to work with stakeholders' networks and coordinate their activities in relation to the processing and export of agricultural and livestock products;	3º collaborer avec les réseaux des partenaires et coordonner leurs activités dans le domaine de la transformation et de l'exportation des produits agricoles et d'élevage;
4º gutangira ku gihe no ku kiguzi giciriritse serivisi ku bikorera zibafasha mu ihangana ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi ku masoko mpuzamahanga;	4º to provide timely and cost-effective support services required for enhanced international competitiveness of the private sector in agricultural and livestock exports;	4º fournir à temps et à bon prix des services de soutien nécessaires pour promouvoir au niveau international, la compétitivité du secteur privé dans l'exportation des produits agricoles et d'élevage;
5º kugaragaza no kongera ubwoko bw'ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byongera ku buryo buhoraho amadevize yinjira mu gihugu;	5º to identify and diversify agricultural and livestock exports to sustain growth of foreign currency revenues;	5º identifier et diversifier les produits agricoles et d'élevage d'exportation permettant de garder continuellement la croissance des revenus en devises;
6º kugaragaza no gutera inkunga ibikorwa by'ubushakashatsi ku iyamamazabuhinzi n'iyamamazabworozi by'ibyoherezwa mu mahanga bikomoka ku buhinzi n'ubworozi;	6º to identify and support research activities on agricultural and livestock extension regarding exports of agricultural and livestock products;	6º identifier et appuyer les activités de recherche sur la vulgarisation des exportations de produits agricoles et d'élevage;
7º kugaragaza ahashyirwa inganda n'ibindi bikorwa byongerera agaciro ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga;	7º to identify places for installation of factories and other activities meant for processing agricultural and livestock products for export;	7º identifier l'emplacement des usines et des autres activités de transformation des produits agricoles et d'élevage destinés à l'exportation;
8º kugira uruhare mu ishyirwaho no mu igenzura ry'ibipimo fatizo by'ubudakemwa ku bicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga ku bufatanye n'izindi nzego zirebwa na byo;	8º to participate in the setting and checking of quality standards for agriculture and livestock export commodities in collaboration with other relevant institutions;	8º participer à la mise en place et à la vérification des normes de qualité des produits agricoles et d'élevage destinés à l'exportation en collaboration avec d'autres institutions concernées;
9º gutanga impapuro zigaragaza umwimerere n'inkomoko by'ibicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga;	9º to issue certificates of authenticity and origin of agricultural and livestock export commodities;	9º délivrer les certificats d'authenticité et d'origine des produits agricoles et d'élevage destinés à l'exportation;

10º gushyiraho ingamba zo gufasha no guhugura abikorera na za koperative bikora imirimo yerekeye ubuhinzi n'ubworozi bw'ibyoherezwa mu mahanga;

10º to put in place strategies designed to provide support and train private operators and cooperatives involved in export of agricultural and livestock products;

10º mettre en place des stratégies destinées à appuyer et former les opérateurs privés et les coopératives œuvrant dans le domaine de l'exportation des produits agricoles et d'élevage;

11º kugira uruhare mu ishoramari rigamije kongera umusaruro, inganda n'ibikorwaremezo bigamije kongera agaciro n'umusaruro w'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga;

11º to contribute to investments aimed at increasing production, industries and infrastructure for adding value to agricultural and livestock products for export;

11º contribuer à des investissements visant l'accroissement de la production, des industries et des infrastructures en vue de la valorisation des produits agricoles et d'élevage destinés à l'exportation;

12º gukusanya no gusesengura amakuru ku masoko yo mu Gihugu, mu karere no mu mahanga no kuyatangariza abafatanyabikorwa bireba kugira ngo bayakoreshe;

12º to collect and analyse information on national, regional and international markets and disseminate that information to the concerned stakeholders for use;

12º collecter et analyser les informations relatives aux marchés nationaux, régionaux et internationaux et les mettre à la portée des partenaires concernés en vue de leur usage;

13º kwitabira imishyikirano n'inama mpuzamahanga hagamijwe kurinda no kwagura amasoko y'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga;

13º to participate in international negotiations and forums in order to ensure the protection and extension of agricultural and livestock products export market;

13º participer aux négociations et aux rencontres internationales afin d'assurer la protection et l'extension des marchés des produits agricoles et d'élevage d'exportation;

14º kwitabira amamurikagurisha atandukanye haba imbere mu Gihugu, mu karere no mu mahanga mu rwego rwo kumenyekanisha ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga;

14º to participate in various national, regional and international trade fairs, in order to promote agricultural and livestock products for export;

14º participer aux différentes foires tant nationales, régionales qu'internationales afin de promouvoir des produits agricoles et d'élevage d'exportation;

15º korohereza imishyikirano mu ishyirwaho n'itangazwa ry'ibiciro fatizo bihabwa umuhinzi n'umworozi ku bicuruzwa bikomoka ku buhinzi n'ubworozi byoherezwa mu mahanga ku bufatanye n'abafatanyabikorwa;

15º to facilitate negotiations for setting and publishing minimum farm gate prices for agricultural and livestock export commodities in collaboration with stakeholders;

15º faciliter les négociations relatives à la fixation et à la publication des prix minimum payés à l'agriculteur et à l'éleveur pour les produits agricoles et d'élevage d'exportation en collaboration avec les partenaires;

16º kugira ubutwererane n'ubufatanye n'ibindi bigo byo mu rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga hagamijwe kunoza imikorere n'imikoranire ku bijyanye n'iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi.

Ingingo ya 6: Ububasha bwa NAEB

NAEB ifite ububasha bwo gukora ibikorwa bikurikira:

1º gukora imirimo y'ubucuruzi ijyanye n'inshingano zayo;

2º gushyiraho amashami cyangwa abayihagarariye imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hagamijwe gukora imirimo iri mu nshingano zayo;

3º kugirana amasezerano y'ubucuruzi n'abantu cyangwa ibigo imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga hagamijwe kugeza NAEB ku nshingano zayo;

4º gutunga cyangwa kugura imigabane mu bindi bigo cyangwa sosiyeti ndetse no kugurisha iyo migabane;

5º gupiganira amasoko no gukora imirimo y'impuguke imbere mu Gihugu cyangwa mu mahanga biyifasha kugera ku nshingano zayo;

16º to establish relations and cooperation with regional and international organisations with the aim of improving operations and collaboration with regard to exports of agricultural and livestock products.

Article 6: Powers of NAEB

NAEB has powers to carry out the following activities:

1° to engage in commercial activities relevant to its mission;

2° to establish branches or appoint its representatives inside or outside the country in order to carry out activities falling within its mission;

3° to enter into commercial contracts with individuals or legal entities inside or outside the country in order for NAEB to achieve its mission;

4° to hold or acquire shares in other corporations or companies as well as selling such shares;

5° to bid for tenders and perform consultancy services inside or outside the country in order to achieve its mission;

16º établir les relations et la coopération avec les organisations régionales et internationales dans le but d'améliorer les opérations et la collaboration en matière d'exportation des produits agricoles et d'élevage.

Article 6: Pouvoirs de NAEB

NAEB dispose des pouvoirs de mener les activités suivantes:

1 º réaliser les activités commerciales liées à sa mission;

2 º établir des branches ou désigner ses représentations à l'intérieur du pays ou à l'étranger pour réaliser les activités relevant de sa mission;

3 º conclure des contrats commerciaux avec les individus ou entités légales à l'intérieur du pays ou à l'étranger pour permettre à NAEB de remplir sa mission;

4 º détenir ou acquérir des actions dans d'autres entreprises ou sociétés et vendre ces actions;

5 º soumissionner pour les marchés et exécuter les services de consultance à l'intérieur du pays ou à l'étranger en vue de remplir sa mission;

6º kwaka inguzanyo nyuma yo kubiherwa uruhushya na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo;

7º kugura no kugurisha umutungo na serivisi hakurikijwe amategeko ngengamikorere ashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB;

8º gushaka abakozi hakurikijwe amategeko ngengamikorere ashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB;

9º gucunga imari n'umutungo hakurikijwe amategeko ngengamikorere aboneye ubucuruzi ashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB.

6° to apply for loans upon authorisation by the Ministry in charge of finance;

7° to procure and sell goods or services in accordance with the internal rules and regulations adopted by the Board of Directors of NAEB;

8° to recruit the staff in accordance with the internal rules and regulations adopted by the Board of Directors of NAEB;

9° to manage funds and property in accordance with appropriate business rules adopted by the Board of Directors of NAEB.

6 º demander des crédits sur autorisation du Ministère ayant les finances dans ses attributions;

7 º acheter et vendre les biens et les services conformément au règlement d'ordre intérieur adopté par le Conseil d'Administration de NAEB;

8 º recruter le personnel conformément au règlement d'ordre intérieur adopté par le Conseil d'Administration de NAEB;

9 º gérer les fonds et le patrimoine conformément aux règles commerciales appropriées adoptées par le Conseil d'Administration de NAEB.

UMUTWE WA III: URWEGO RUREBERERA NAEB N'AMASEZERANO Y'IMIHIGO

Ingingoya 7: Urwego rureberera NAEB

Iteka rya Minisitiri w'Intebe rigena urwego rureberera NAEB.

Ingingo ya 8: Amasezerano y'imihigo

NAEB ikorera ku masezerano y'imihigo.

CHAPTER III: SUPERVISING AUTHORITY OF NAEB AND PERFORMANCE CONTRACT

Article 7: Supervising authority of NAEB

A Prime Minister's Order determines the supervising authority of NAEB.

Article 8: Performance contract

NAEB operates on the basis of performance contract.

CHAPITRE III: AUTORITE DE TUTELLE DE NAEB ET CONTRAT DE PERFORMANCE

Article 7: Autorité de tutelle de NAEB

Un arrêté du Premier Ministre détermine l'autorité de tutelle de NAEB.

Article 8: Contrat de performance

NAEB fonctionne sur base d'un contrat de performance.

Uburyo NAEB ihiga n'uburyo bwo gusuzuma imikorere yayo bigenwa n'amategeko abigenga.

Modalities for the conclusion and evaluation of performance contract of NAEB are determined by relevant laws.

Les modalités de conclusion et d'évaluation du contrat de performance de NAEB sont déterminées par la législation en la matière.

UMUTWE WA IV: IMITERERE N'IMIKORERE BYA NAEB

CHAPTER IV: ORGANISATION AND FUNCTIONING OF NAEB

CHAPITRE IV: ORGANISATION ET FONCTIONNEMENT DE NAEB

Ingingo ya 9: Inzego z'ubuyobozi za NAEB

Article 9: Management organs of NAEB

Article 9: Organes de direction de NAEB

Inzego z'ubuyobozi za NAEB ni izi zikurikira:

The management organs of NAEB are the following:

Les organes de direction de NAEB sont les suivants:

1° Inama y'Ubuyobozi;

1° the Board of Directors;

1° le Conseil d'Administration;

2° Urwego Nshingwabikorwa.

2° the Executive Organ.

2° l'Organe Exécutif.

Icyiciro cya mbere: Inama y'Ubuyobozi ya NAEB

Section One: Board of Directors of NAEB

Section première: Conseil d'Administration de NAEB

Ingingo ya 10: Abagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB

Article 10: Composition of the Board of Directors of NAEB

Article 10: Composition du Conseil d'Administration de NAEB

Inama y'Ubuyobozi ni rwo rwego rukuru, rugizwe n'abantu barindwi (7) barimo Perezida na Visi-Perezida bashyirwaho n'Iteka rya Perezida.

The Board of Directors is the supreme organ composed of seven (7) members appointed by a Presidential Order, including the Chairperson and the Deputy Chairperson.

Le Conseil d'Administration de NAEB est l'organe suprême composé de sept (7) membres nommés par arrêté présidentiel dont le Président et le Vice-Président.

Abagize Inama y'Ubuyobozi batoranywa hakurikijwe ubushobozi n'ubuzobere byabo.

Members of the Board of Directors are selected on the basis of their competence and expertise.

Les membres du Conseil d'Administration sont choisis sur base de leur compétence et de leur expertise.

Nibura mirongo itatu ku ijana (30%) by'abagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB bagomba kuba ari abagore.

At least thirty per cent (30%) of members of the Board of Directors of NAEB must be females.

Au moins trente pour cent (30%) des membres du Conseil d'Administration de NAEB doivent être de sexe féminin.

Igihe abagize Inama y'Ubuyobozi bamara ku mirimo yabo n'uburyo basimburwa bigenwa n'Iteka rya Perezida.

The term of office of members of the Board of Directors as well as modalities for their replacement are determined by a Presidential Order.

La durée du mandat des membres du Conseil d'Administration ainsi que les modalités de leur remplacement sont déterminées par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 11: Inshingano z'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB

Article 11: Responsibilities of the Board of Directors of NAEB

Article 11: Attributions du Conseil d'Administration de NAEB

Inama y'ubuyobozi **y**a NAEB ni urwego ruyiyobora kandi rufata ibyemezo.

The Board of Directors of NAEB is its governing and decision-making organ.

Le Conseil d'Administration de NAEB est son organe de direction et de prise de décisions.

By'umwihariko, Inama y'Ubuyobozi ifite inshingano zikurikira:

In particular, the Board of Directors has the following responsibilities:

En particulier, les attributions du Conseil d'Administration sont les suivantes:

1º gukurikirana imikorere y'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB no gutanga umurongo ngenderwaho mu kuzuza inshingano zarwo;

1º to oversee the functioning of the Executive Organ of NAEB and provide it with the guideline for the fulfilment of its mission;

1º superviser le fonctionnement de l'Organe Exécutif de NAEB et lui donner la ligne directrice dans l'accomplissement de sa mission;

2º kwemeza gahunda y'ibikorwa n'iteganyabikorwa hamwe na raporo zijyana na byo;

2º to approve the strategic plan, action plan and related reports;

2º approuver le plan stratégique, le plan d'action et les rapports y relatifs;

3º gusinyana amasezerano y'imihigo n'urwego rureberera NAEB no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryayo;

3º to sign performance contract with the supervising authority of NAEB and monitor its implementation;

3º signer le contrat de performance avec l'autorité de tutelle de NAEB et faire le suivi de sa mise en œuvre;

4º kwemeza amabwiriza ngengamikorere hamwe n'amategeko ngengamikorere ya NAEB;

4º to approve the procedures manual and internal rules and regulations of NAEB;

4º approuver le manuel de procédures et le règlement d'ordre intérieur de NAEB;

5º kwemeza imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari n'igenamigambi bya buri mwaka bya NAEB mbere yo kubishyikiriza inzego

5º to approve the draft annual budget and annual action plan of NAEB before submission thereof to relevant

5º approuver l'avant-projet de budget et le plan d'action annuels de NAEB avant de les transmettre aux organes compétents et assurer

zibishinzwe no gukurikirana ikoreshwa ry'ingengo y'imari n'ishyirwa mu bikorwa ryayo;

6º gufata icyemezo ku bibazo byose bikomeye biri mu nshingano za NAEB;

7º gutanga buri gihembwe raporo y'ibikorwa ku rwego rureberera NAEB.

Ingingo ya 12: Inshingano za Perezida w'Inama y'Ubuyobozi

Perezida w'Inama y'Ubuyobozi afite inshingano zikurikira:

1º gukurikirana ko inshingano za NAEB zigerwaho;

2º gutumiza no kuyobora inama z'Inama y'Ubuyobozi;

3º gushyikiriza ku gihe raporo za NAEB inzego zibigenewe;

4º gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi.

Ingingo ya 13: Inshingano za Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB

Visi-Perezida w'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB afite inshingano zikurikira:

authorities and monitor the use and execution of the budget;

6º to take decision on all critical matters falling within the mission of NAEB;

7º to submit a quarterly report to the supervising authority of NAEB.

Article 12: Duties of the Chairperson of the Board of Directors

The Chairperson of the Board of Directors has the following duties:

1º to follow up the fulfilment of the mission of NAEB;

2º to convene and chair the meetings of the Board of Directors;

3º to submit timely NAEB reports to relevant organs;

4º to perform all duties as may be requested by the Board of Directors.

Article 13: Duties of the Deputy Chairperson of the Board of Directors of NAEB

The Deputy Chairperson of the Board of Directors of NAEB has the following duties:

le suivi de l'utilisation et de l'exécution du budget;

6º prendre une décision sur toutes les questions critiques relevant de la mission de NAEB;

7º soumettre un rapport d'activités trimestriel à l'autorité de tutelle de NAEB.

Article 12: Attributions du Président du Conseil d'Administration

Le Président du Conseil d'Administration a les responsabilités suivantes:

1º faire le suivi de la réalisation de la mission de NAEB;

2º convoquer et présider les réunions du Conseil d'Administration;

3º soumettre à temps les rapports de NAEB aux organes compétents;

4º accomplir toutes les tâches à la demande du Conseil d'Administration.

Article 13: Attributions du Vice-Président du Conseil d'Administration de NAEB

Le Vice-Président du Conseil d'Administration de NAEB a les attributions suivantes:

1º kunganira Perezida no kumusimbura igihe cyose adahari;

2º gukora imirimo yose yasabwa n'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB.

Ingingo ya 14: Ibitabangikanywa no kuba mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB

Abagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ntibemerewe gukora umurimo ugenerwa igihembo muri NAEB.

Ntibemerewe kandi haba ku giti cyabo cyangwa ibigo bafitemo imigabane gupiganira amasoko atangwa na NAEB.

Ingingo ya 15: Impamvu zituma ugize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB avanwa muri uwo mwanya n'uko asimburwa

Ugize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ava kuri uwo mwanya iyo:

1° manda irangiye;

2° yeguye akoresheje inyandiko;

3° atagishoboye gukora imirimo ye kubera ubumuga bw'umubiri cyangwa uburwayi bwo mu mutwe, byemejwe n'akanama k'abaganga batatu (3) bemewe na Leta;

1º to assist the Chairperson and replace for him/her in case of absence;

2º to perform all duties as may be requested by the Board of Directors of NAEB.

Article 14: Incompatibilities with membership in the Board of Directors of NAEB

Members of the Board of Directors of NAEB are not allowed to perform any remunerated activity within NAEB.

They are also not allowed, either individually or companies in which they hold shares, to bid for tenders of NAEB.

Article 15: Reasons for loss of membership in the Board of Directors of NAEB and modalities for replacement

A member of the Board of Directors of NAEB loses membership if:

1° the term of office expires;

2° he/she resigns in writing;

3° he/she is no longer able to perform his/her duties due to physical or mental disability certified by a committee of three (3) authorised medical doctors;

1º assister le Président et le suppléer en cas d'absence;

2º accomplir toutes les tâches à la demande du Conseil d'Administration de NAEB.

Article 14: Incompatibilités avec la qualité de membre du Conseil d'Administration de NAEB

Les membres du Conseil d'Administration de NAEB ne sont pas autorisés à exercer des fonctions rémunérées au sein de NAEB.

Ils ne sont non plus autorisés, ni individuellement ni par l'intermédiaire des sociétés dont ils sont actionnaires, à soumissionner aux marchés de NAEB.

Article 15: Causes de perte de la qualité de membre au Conseil d'Administration de NAEB et modalités de remplacement

Un membre du Conseil d'Administration de NAEB cesse d'être membre si:

1° son mandat expire;

2° il démissionne par écrit;

3° il n'est plus en mesure de remplir ses fonctions pour cause d'incapacité physique ou mentale constatée par un comité de trois (3) médecins agréés;

4° akatiwe burundu igihano cy'igifungo kingana cyangwa kirengeje amezi atandatu (6);

5° asibye inama inshuro eshatu (3) zikurikirana nta mpamvu zifite ishingiro;

6° agaragaje imyitwarire imutesha agaciro, itesha agaciro umurimo akora cyangwa urwego arimo;

7° abangamira inyugu za NAEB;

8° ahamwe n'icyaha cya jenoside cyangwa icyaha cy'ingengabitekerezo ya jenoside;

9° apfuye.

Iyo umwe mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB avuye mu mirimo ye mbere y'uko manda ye irangira, urwego rubifitiye ububasha rushyiraho umusimbura, akarangiza iyo manda.

<u>Ingingo ya 16</u>: Itumizwa n'iterana ry'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB n'ifatwa ry'ibyemezo

Inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB iterana rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa itumijwe na Perezida wayo cyangwa Visi-Perezida igihe Perezida adahari, babyibwirije cyangwa bisabwe mu nyandiko nibura na kimwe cya gatatu (1/3) cy'abayigize.

4° he/she is definitively sentenced to a term of imprisonment equal to or exceeding six (6) months;

5° he/she is absent from three (3) consecutive meetings without valid reasons;

6° he/she manifests behaviours likely to compromise his/her dignity, that of his/her work or his/her position;

7° he/she jeopardizes the interests of NAEB;

8° he/she is convicted of the crime of genocide or genocide ideology;

9° he/she dies.

In case a member of the Board of Directors of NAEB leaves his/her duties before the expiration of his/her term of office, the relevant authority appoints his/her substitute to complete his/her term of office.

<u>Article 16</u>: Convening and holding of the meeting of the Board of Directors of NAEB and modalities for decision making

The meeting of the Board of Directors of NAEB is held once a quarter and whenever necessary upon invitation by its Chairperson or Deputy Chairperson in case of absence of its Chairperson, at their own initiative or upon

4° il est définitivement condamné à une peine d'emprisonnement égale ou supérieure à six (6) mois;

5° il s'absente à trois (3) réunions consécutives sans motifs valables;

6° il manifeste des comportements susceptibles de compromettre sa dignité, celle de sa fonction ou celle son rang;

7° il compromet les intérêts de NAEB;

8° il est reconnu coupable du crime de génocide ou d'idéologie du génocide;

9° il décède.

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de NAEB perd la qualité de membre avant l'expiration de son mandat, l'autorité compétente nomme son remplaçant pour terminer ce mandat.

<u>Article 16</u>: Convocation et tenue de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB et les modalités de prise de décisions

La réunion du Conseil d'Administration de NAEB se tient une fois par trimestre et chaque fois que de besoin, sur convocation de son Président ou de son Vice-Président en cas d'absence du Président, de leur propre initiative ou à la demande écrite par un tiers (1/3) au moins de ses membres.

request in writing by at least a third (1/3) of its members.

Ubutumire bukorwa mu nyandiko ishyikirizwa abagize Inama y'Ubuyobozi hasigaye nibura iminsi cumi n'itanu (15) ngo inama iterane.

The invitation is submitted in writing to the members of the Board of Directors at least fifteen (15) days before the meeting is held.

L'invitation est adressée par écrit aux membres du Conseil d'Administration au moins quinze (15) jours avant la tenue de la réunion.

Icyakora, inama idasanzwe itumizwa mu nyandiko mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) kugira ngo iterane.

However, an extraordinary meeting is convened in writing at least three (3) days before the meeting is held.

Toutefois, une réunion extraordinaire est convoquée par écrit au moins trois (3) jours avant la tenue de la réunion.

Mu byigwa n'Inama y'Ubuyobozi mu gihembwe cya mbere cy'umwaka, harimo kwemeza raporo y'imari n'iy'ibikorwa mu mwaka urangiye.

Items to be examined by the Board of Directors in the first quarter of the year include the approval of the financial and activity reports of the previous year.

Parmi les points à examiner par le Conseil d'Administration au cours du premier trimestre, figure l'approbation du rapport financier et du rapport d'activités de l'année précédente.

Buri gihembwe kandi, Inama y'Ubuyobozi ya NAEB igomba gusuzuma raporo y'imari n'iy'ibikorwa byerekeranye n'igihembwe kirangiye igashyikirizwa urwego rureberera NAEB.

In every quarter, the Board of Directors must examine the financial and activity report relating to the previous quarter to be transmitted to the supervising authority of NAEB.

Chaque trimestre, le Conseil d'Administration doit examiner le rapport financier et celui d'activités relatifs au trimestre précédent et les transmet à l'autorité de tutelle de NAEB.

Umubare wa ngombwa kugira ngo inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB iterane ni bibiri bya gatatu (2/3). Icyakora, iyo inama itumijwe ubwa kabiri iterana hatitawe ku mubare w'abayigize bahari.

A quorum for a meeting of the Board of Directors of NAEB is two thirds (2/3) of its members. However, when a meeting is convened for the second time it takes place regardless of the number of members present.

Le quorum de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB est de deux tiers (2/3) de ses membres. Toutefois, quand la réunion est convoquée pour la deuxième fois, elle se tient quel que soit le nombre de ses membres présents.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa yitabira inama z'Inama y'Ubuyobozi.

The Chief Executive Officer of the Executive Organ attends meetings of the Board of Directors.

Le Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif participe aux réunions du Conseil d'Administration.

Uburyo Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ifatamo ibyemezo buteganywa n'amategeko ngengamikorere ya NAEB.

Modalities for decision making by the Board of Directors of NAEB are determined by internal rules and regulations of NAEB.

Les modalités de prise de décisions par le Conseil d'Administration de NAEB sont déterminées par le règlement d'ordre intérieur de NAEB.

Ingingo ya 17: Itumira ry'undi muntu mu nama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB

Article 17: Invitation of a resource person to the meeting of the Board of Directors of NAEB

Article 17: Invitation d'une personne ressource aux réunions du Conseil d'Administration

Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ishobora gutumira mu nama yayo umuntu wese ibona ashobora kuyungura inama ku ngingo runaka ifite ku murongo w'ibyigwa.

The Board of Directors of NAEB may invite in its meeting any person from whom it may seek advice on a certain item on the agenda.

Le Conseil d'Administration de NAEB peut inviter à sa réunion toute personne dont il peut obtenir des conseils sur un point quelconque à l'ordre du jour.

Uwatumiwe ntiyemerewe gutora no gukurikirana iyigwa ry'izindi ngingo ziri ku murongo w'ibyigwa.

The invited person is not allowed either to vote or to follow debates on other items on the agenda.

La personne invitée n'est pas autorisée ni à voter ni à suivre les débats sur d'autres points à l'ordre du jour.

Ingingo ya 18: Iyemezwa ry'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB n'inyandikomvugo yayo

Article 18: Approval of resolutions and minutes of the meeting of the Board of Directors of NAEB

Article 18: Approbation des résolutions et du procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB

Inyandiko y'ibyemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ishyirwaho umukono n'abayigize inama ikirangira, kopi yayo ikohererezwa urwego rureberera NAEB mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi.

Resolutions of the meeting of the Board of Directors of NAEB are signed by its members immediately after the meeting and a copy thereof is sent to the supervising authority of NAEB within a period not exceeding five (5) working days.

Les résolutions du Conseil d'Administration de NAEB sont immédiatement signées par les membres après la séance et leur copie est transmise à l'autorité de tutelle de NAEB dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables.

Umuyobozi w'urwego rureberara NAEB atanga ibitekerezo ku byemezo by'inama y'Inama y'Ubuyobozi mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi kuva ayishyikirijwe. Iyo icyo

The head of the supervising authority of NAEB gives his/her views on the resolutions of the meeting of the Board of Directors within a period not exceeding fifteen (15) working days of their receipt. If this period expires before giving

Le responsable de l'autorité de tutelle de NAEB donne son point de vue sur les résolutions du Conseil d'Administration dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à

gihe kirenze ntacyo ayivuzeho imyanzuro y'inama iba yemejwe burundu.

Inyandikomvugo y'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ishyirwaho umukono na Perezida n'umwanditsi wayo, ikemezwa mu nama ikurikira. Kopi y'inyandikomvugo yohererezwa Urwego rureberera NAEB mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi guhera umunsi yemerejweho.

his/her views, such resolutions are considered definitively approved.

The minutes of the meeting of the Board of Directors of NAEB are signed jointly by the Chairperson and its rapporteur and approved at the next meeting. A copy of the minutes of the meeting is sent to the supervising authority of NAEB within a period not exceeding fifteen (15) working days from the date of approval.

compter de leur réception. Passé ce délai sans sa réaction, ces résolutions sont réputées définitives.

Le procès-verbal de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB est signé conjointement par le Président et son rapporteur et soumis à la réunion suivante pour approbation. Une copie du procès-verbal est transmise à l'autorité de tutelle de NAEB dans un délai ne dépassant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de son approbation.

<u>Ingingo ya 19</u>: Umwanditsi w'inama y'Inama y'ubuyobozi ya NAEB

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB niwe mwanditsi w'inama y'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB ariko igihe cyo gufata ibyemezo we ntatora.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB ntiyitabira inama zifata ibyemezo ku bibazo bimureba.

Icyo gihe abagize inama y'Inama y'Ubuyobozi bitoramo umwanditsi.

<u>Article 19</u>: Rapporteur of the Board of Directors of NAEB

The Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB serves as the rapporteur of the meeting of the Board of Directors of NAEB but he/she has no right to vote in decision making.

The Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB does not participate in the meetings that make decisions on issues that concern him/her.

In that case, members of the meeting of the Board of Directors elect from among themselves a rapporteur.

<u>Article 19</u>: Rapporteur du Conseil d'Administration de NAEB

Le Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB est le rapporteur de la réunion du Conseil d'Administration de NAEB mais il n'a pas le droit de voter lors de la prise de décisions.

Le Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB ne participe pas aux réunions qui prennent des décisions sur des questions qui le concernent.

Dans ce cas, les membres de la réunion du Conseil d'Administration élisent parmi eux un rapporteur.

Ingingo ya 20: Inyungu bwite mu bibazo bisuzumwa

Iyo uri mu bagize Inama y'Ubuyobozi ya NAEB afite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, agomba kumenyesha bidatinze Inama y'Ubuyobozi, aho inyungu ze zishingiye. Umenyesha inyungu afite ku kibazo cyigwa, ntiyitabira inama yiga kuri icyo kibazo.

Iyo bigaragaye ko benshi cyangwa bose mu bagize Inama y'Ubuyobozi bafite inyungu bwite itaziguye cyangwa iziguye mu bibazo bisuzumwa, ku buryo bidashoboka gufata ibyemezo kuri icyo kibazo, ibyo bibazo bishyikirizwa urwego rureberera NAEB rukabifataho icyemezo mu gihe cy'iminsi mirongo itatu (30).

Article 20: Personal interest in issues on the agenda

When a member of the Board of Directors of NAEB has a direct or indirect interest in the issue to be considered, he/she must immediately inform the Board of Directors about where his/her interest lies. A member who informs of his/her interest in the issue to be considered cannot attend the meeting deliberating on that issue.

When it happens that many or all members of the Board of Directors have a direct or indirect interest in the issues to be considered in such a way that it is impossible to take decision on the issues, the issues are submitted to the supervising authority of NAEB to decide thereon within a period of thirty (30) days.

Article 20: Intérêt personnel dans les points à l'ordre du jour

Lorsqu'un membre du Conseil d'Administration de NAEB a un intérêt direct ou indirect dans un point à examiner, il doit en informer immédiatement le Conseil d'Administration et montrer où ses intérêts reposent. Le membre qui informe de son intérêt dans un point à examiner ne peut pas participer à la réunion qui examine ce sujet.

Lorsqu'il apparaît que la majorité ou l'ensemble des membres du Conseil d'Administration ont un intérêt direct ou indirect dans des points à examiner de sorte que la prise de décisions sur ces points devienne impossible, ces points sont soumis à l'autorité de tutelle de NAEB pour décision dans un délai de trente (30) jours.

Ingingo ya 21: Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama

Ibigenerwa abagize Inama y'Ubuyobozi bitabiriye inama z'Inama y'Ubuyobozi bigenwa n'Iteka rya Perezida.

Article 21: Sitting allowances for members of the Board of Directors

Sitting allowances entitled for members of the Board of Directors present in the meetings of the Board of Directors are determined by a Presidential Order.

Article 21: Jetons de présence des membres du Conseil d'Administration

Les jetons de présence alloués aux membres du Conseil d'Administration présents aux réunions du Conseil d'Administration sont déterminés par arrêté présidentiel.

Icyiciro cya 2: Urwego Nshingwabikorwa

Ingingo ya 22: Abagize Urwego Nshingwabikorwa

Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB rugizwe n'Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB ushyirwaho n'Iteka rya Perezida. Rishobora gushyiraho kandi abamwungirije, rikanagena inshingano n'ububasha byabo.

Abandi bakozi ba NAEB bashyirwaho hakurikijwe amategeko ngengamikorere ya NAEB.

Ingingo ya 23: Ububasha n'inshingano by'Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB afite ububasha bwo gufata ibyemezo mu micungire y'abakozi n'umutungo bya NAEB akurikije amategeko abigenga. Ahuza kandi akayobora ibikorwa bya NAEB.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB ashinzwe ibi bikurikira:

1° gutanga amabwiriza y'akazi muri NAEB no mu mashami yayo;

Section 2: Executive Organ

Article 22: Composition of the Executive Organ

The Executive Organ of NAEB is composed of the Chief Executive Officer of NAEB appointed by a Presidental Order. That Order may also appoint his/her deputies and determine their duties and powers.

Other staff members of NAEB are recruited in accordance with the internal rules and regulations of NAEB.

Article 23: Powers and duties of the Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB

The Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB has the power of decision in administrative and financial management of NAEB in accordance with relevant laws. He/she coordinates and directs activities of NAEB.

The Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB has the following duties:

1° to give instructions of service within NAEB and its branches;

Section 2: Organe Exécutif

Article 22: Composition de l'Organe Exécutif

L'Organe Exécutif de NAEB est composé du Directeur Général en Chef de NAEB nommé par arrêté présidentiel. Ledit arrêté peut également nommer ses adjoints et déterminer leurs attributions et pouvoirs.

Les autres membres du personnel de NAEB sont recrutés conformément au réglèment d'ordre intérieur de NAEB.

Article 23: Pouvoirs et attributions du Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB

Le Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB a le pouvoir de décision dans la gestion administrative et financière de NAEB conformément à la législation en la matière. Il coordonne et dirige les activités de NAEB.

Le Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB a les attributions suivantes:

1° donner des instructions de service au sein de NAEB et de ses branches;

2° gutegura no gushyikiriza Inama y'Ubuyobozi imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari izakoreshwa mu mwaka ukurikira na raporo y'imikoreshereze y'ingengo y'imari y'umwaka ushize;	2° to develop and submit to the Board of Directors the draft budget proposal for the following year as well as the budget execution report for the previous fiscal year;	2° élaborer et soumettre au Conseil d'Administration l'avant-projet de budget pour l'exercice suivant ainsi que le rapport d'exécution du budget de l'exercice précédent;
3° gushyira mu bikorwa ingengo y'imari no gucunga umutungo wa NAEB;	3° to ensure the execution of the budget and management of the property of NAEB;	3° assurer l'exécution du budget et la gestion du patrimoine de NAEB;
4° kuyobora no gukurikirana imicungire y'abakozi ba NAEB akurikije amategeko;	4° to supervise and monitor the management of staff members of NAEB in accordance with laws;	4° assurer la direction et le suivi de la gestion du personnel de NAEB conformément aux lois;
5° kugeza raporo y'ibikorwa bya NAEB ku Nama y'Ubuyobozi rimwe mu gihembwe n'igihe cyose bibaye ngombwa;	5° to submit to the Board of Directors the activity report of NAEB once a term and whenever considered necessary;	5° soumettre au Conseil d'Administration le rapport d'activités de NAEB une fois par trimestre et chaque fois que de besoin;
6° guhagararira NAEB imbere y'amategeko no kumenyekanisha ibikorwa byayo;	6° to act as the legal representative of NAEB and ensure the dissemination of its activities;	6° être le représentant légal de NAEB et assurer la dissémination de ses activités;
7° kuba umuvugizi wa NAEB;	7° to serve as the spokesperson of NAEB;	7° servir de porte-parole de NAEB;
8° gushyira mu bikorwa ibyemezo n'amabwiriza ahabwa n'inzego zimukuriye;	8° to implement decisions and instructions of his/her supervisors;	8° exécuter les décisions et les instructions de ses supérieurs hiérarchiques;
9° kuba umwanditsi w'Inama y'Ubuyobozi;	9° to act as the rapporteur of the Board of Directors;	9° servir de rapporteur du Conseil d'Administration;
10° gukora indi mirimo yahabwa n'Inama y'Ubuyobozi ijyanye n'inshingano za NAEB.	10° to perform other duties falling within the mission of NAEB as may be assigned by the Board of Directors.	10° accomplir d'autres tâches relevant de la mission de NAEB que le Conseil d'Administration peut lui confier.

Inshingano z'abakozi b'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB zigenwa n'Iteka rya Minisitiri w'Intebe.

Duties of the staff of the Executive Organ of NAEB are determined by a Prime Minister's Order.

Les attributions du personnel de l'Organe Exécutif de NAEB sont déterminées par arrêté du Premier Ministre.

Ingingo ya 24: Sitati igenga abakozi ba NAEB

Article 24: Statutes governing NAEB staff members

Article 24: Statut régissant le personnel de NAEB

Abakozi ba NAEB bagengwa na sitati yihariye ishyirwaho n'Iteka rya Perezida.

The staff members of NAEB are governed by special statutes established by a Presidential Order.

Le personnel de NAEB est régi par un statut particulier établi par arrêté présidentiel.

Ingingo ya 25: Imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo

Article 25: Organisational structure

Article 25: Structure organisationnelle

Imbonerahamwe y'imyanya n'imiterere y'imirimo bya NAEB byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi.

The organisational structure and job description of NAEB are adopted by the Board of Directors.

La structure organisationnelle et la description des tâches de NAEB sont adoptées par le Conseil d'Administration.

Icyakora, mu gihe cy'imyaka itanu (5) kuva iri tegeko ritangiye gukurikizwa, imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo yemezwa n'Inama y'Ubuyobozi imaze kugisha inama Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo na Minisiteri ifite imari ya Leta mu nshingano zayo.

However, within a period of five (5) years from the commencement of this Law, the organisational structure of NAEB is approved by the Board of Directors after consulting the Ministry in charge of public service and the Ministry in charge of finance.

Toutefois, dans un délai de cinq (5) ans après l'entrée en vigueur de la présente loi, la structure organisationnelle de NAEB est approuvée par le Conseil d'Administration après consultation du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions et le Ministère ayant les finances dans ses attributions.

Ingingo ya 26: Imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba NAEB

Article 26: Salaries and fringe benefits for the staff of NAEB

Article 26: Salaires et avantages accordés au personnel de NAEB

Imbonerahamwe y'imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba NAEB byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi ya NAEB.

The salary structure and fringe benefits for staff members of NAEB are approved by the Board of Directors of NAEB.

La grille salariale et avantages accordés au personnel de NAEB sont approuvés par le Conseil d'Administration de NAEB.

Icyakora, mu gihe cy'imyaka itanu (5) kuva iri tegeko ritangiye gukurikizwa, imbonerahamwe y'imishahara n'ibindi bigenerwa abakozi ba NAEB byemezwa n'Inama y'Ubuyobozi imaze kugisha inama Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo na Minisiteri ifite imari mu nshingano zayo.

However, within a period of five (5) years from the commencement of this Law, the salary structure and fringe benefits for the staff members of NAEB are approved by the Board of Directors after consulting the Ministry in charge of public service and the Ministry in charge of finance.

Toutefois, dans un délai de cinq (5) ans à compter de l'entrée en vigueur de la présente loi, la grille salariale et les avantages accordés aux membres du personnel de NAEB sont approuvés par le Conseil d'Administration après consultation du Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions et le Ministre ayant les finances dans ses attributions.

UMUTWE WA V: IMIKORERE YA NAEB

CHAPTER V: FUNCTIONING OF NAEB

CHAPITRE V: FONCTIONNEMENT DE NAEB

Ingingo ya 27: Uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego za NAEB

Amategeko ngengamikorere ya NAEB ateganya uburyo bw'imikorere n'imikoranire by'inzego zayo bidateganyijwe n'iri tegeko.

Inzego za NAEB zuzuza inshingano zazo kandi zigafata ibyemezo hakurikijwe amategeko abigenga.

Article 27: Functioning and collaboration of NAEB organs

The internal rules and regulations of NAEB determine modalities for the functioning and collaboration of its organs that are not provided for in this Law.

Organs of NAEB fulfil their responsibilities and make decisions in accordance with relevant laws.

Article 27: Fonctionnement et collaboration des organes de NAEB

Le règlement d'ordre intérieur de NAEB détermine les modalités de fonctionnement et de collaboration entre ses organes qui ne sont pas prévues par la présente loi.

Les organes de NAEB remplissent leurs attributions et prennent des décisions conformément à la législation en la matière.

UMUTWE WA VI: UMUTUNGO N'IMARI BYA NAEB

CHAPTER VI: PROPERTY AND FINANCE OF NAEB

CHAPITRE VI: PATRIMOINE ET FINANCES DE NAEB

Ingingo ya 28: Umutungo wa NAEB n'inkomoko yawo

Umutungo wa NAEB ugizwe n'ibintu byimukanwa n'ibitimukanwa. Ukomoka kuri ibi bikurikira:

1° imari nshingiro igenerwa na Leta;

Article 28: Property of NAEB and its sources

The property of NAEB is comprised of movable and immovable assets. It derives from the following sources:

1° the capital provided by the State;

Article 28: Patrimoine de NAEB et ses sources

Le patrimoine de NAEB comprend les biens meubles et immeubles. Il provient des sources suivantes:

1º le capital social octroyé par l'Etat;

2° ingengo y'imari igenerwa na Leta mu gihe cy'imyaka itanu (5) kuva iri tegeko ritangiye gukurikizwa;

3° inkunga za Leta n'iz'abafatanyabikorwa;

4° ibituruka ku mirimo ikora;

5° inyungu zikomoka ku mutungo wayo;

6° inguzanyo zihabwa NAEB zemewe na Minisitiri ufite imari mu nshingano ze;

7° impano n'indagano.

Ingingo ya 29: Kwegurirwa umutungo

Imitungo yimukanwa, itimukanwa, imyenda, amasezerano n'ibikorwa bya NAEB yashyizweho n'Itegeko n° 39/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, byeguriwe NAEB ishyizweho n'iri tegeko.

Ingingo ya 30: Itegurwa n'iyemeza ry'ingengo y'imari

Buri mwaka, Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB rutegura imbanzirizamushinga y'ingengo

2° State budget allocations for a period of five (5) years from the commencement of this Law;

3° State and partners' subsidies;

4° income from rendered services;

5° interests from its property;

6° loans granted to NAEB approved by the Minister in charge of finance;

7° donations and bequests.

Article 29: Transfer of property

Movable and immovable property, liabilities, contracts and activities of NAEB established by Law n° 39/2010 of 25/11/2010 establishing the National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organisation and functioning are transferred to NAEB established by this Law.

Article 30: Preparation and adoption of budget

Every year, the Executive Organ of NAEB prepares a draft annual budget proposal and submits it to the Board of Directors for approval.

2º les allocations budgétaires de l'Etat pour une periode de cinq (5) ans à compter de l'entrée en vigueur de la présente loi;

3º les subventions de l'Etat et des partenaires;

4º les revenus des services prestés;

5º les intérêts de son patrimoine;

6º les prêts accordés à NAEB approuvés par le Ministre ayant les finances dans ses attributions;

7º dons et legs.

Article 29: Transfert du patrimoine

Les biens meubles et immeubles, le passif, les contrats et les activités de NAEB créé par la Loi nº 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement sont transférés à NAEB créé par la présente loi.

Article 30: Préparation et adoption du budget

Chaque année, l'Organe Exécutif de NAEB prépare l'avant-projet de budget annuel et le soumet au Conseil d'Administration pour adoption.

y'imari y'umwaka rukayishyikiriza Inama y'Ubuyobozi kugira ngo iyemeze.

Imbanzirizamushinga y'ingengo y'imari y'umwaka ya NAEB igomba kuba iherekejwe n'ifoto y'umutungo y'umwaka w'ingengo y'imari urangiye n'umushinga w'ibiteganywa mu mwaka w'ingengo y'imari utangiye bisabirwa kwemezwa.

The draft annual budget proposal of NAEB must be accompanied by the financial statements of the previous fiscal year and the business plan proposal for the next fiscal year for adoption.

L'avant-projet de budget annuel de NAEB doit s'accompagner des états financiers de l'exercice précédent ainsi que du projet de plan d'affaires de l'exercice suivant pour adoption.

Icyakora mu gihe NAEB ikigenerwa ingengo y'imari na Leta, ikomeza gutegura ingengo y'imari yayo ikayishyikiriza inzego zemeza ingengo y'imari ya Leta.

However, as long as NAEB is allocated the State budget, it continues to prepare its budget and submit it to the organs in charge of approving the State budget.

Toutefois, aussi longtemps que NAEB bénéficie du budget de l'Etat, il continue de préparer son budget et le soumettre aux organes chargés d'approuver le budget de l'Etat.

NAEB izatangira kwihaza mu ngengo y'imari mu bikorwa byayo nyuma y'imyaka itanu (5).

NAEB will start meeting its entire operating budget after five (5) years of operations.

NAEB commencera à couvrir la totalité de son budget de fonctionnement après cinq (5) ans d'opération.

Ingingo ya 31: Imikoreshereze, imicungire n'imigenzurire by'umutungo

Article 31: Use, management and audit of property

Article 31: Utilisation, gestion et audit du patrimoine

Imari n'umutungo bya NAEB bikoreshwa kandi bigacungwa hakurikijwe amategeko ngengamikorere ajyanye n'ubucuruzi ashyirwaho n'Inama y'Ubuyobozi.

The finance and property of NAEB are used and managed in accordance with appropriate business rules adopted by the Board of Directors.

Les finances et le patrimoine de NAEB sont utilisés et gérés conformément aux règles commerciales appropriées adoptées par le Conseil d'Administration.

Ubugenzuzi bw'imari n'umutungo bya NAEB bikorwa n'Umugenzuzi Mukuru w'Imari ya Leta hakurikijwe amategeko abigenga. Ubugenzuzi bushinzwe igenzura rya buri munsi ry'imikoreshereze y'umutungo wa NAEB buha raporo Inama y'Ubuyobozi bukagenera kopi

The audit of NAEB finance and property is carried out by the Auditor General of State Finance in accordance with relevant laws. The internal audit of NAEB submits its report to the Board of Directors, with a copy to the Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB.

L'audit des finances et du patrimoine de NAEB est effectué par l'Auditeur Général des Finances de l'Etat conformément à la législation en la matière. L'audit interne de NAEB soumet son rapport au Conseil d'Administration et donne copie au Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB.

Ingingo ya 32: Raporo y'umwaka w'ibaruramari

Mu gihe kitarenze amezi atatu (3) akurikira impera z'umwaka w'ibaruramari, Umuyobozi Mukuru w'Urwego Nshingwabikorwa rwa NAEB ashyikiriza urwego rureberera NAEB raporo y'umwaka w'ibaruramari imaze kwemezwa n'Inama y'Ubuyobozi hakurikijwe amategeko agenga imicungire y'imari n'umutungo bya Leta.

Article 32: Annual financial report

Within a period not exceeding three (3) months following the end of the financial year, the Chief Executive Officer of the Executive Organ of NAEB submits to the supervising authority of NAEB the annual financial report after approval by the Board of Directors in accordance with laws governing the management of State finance and property.

Article 32: Rapport annuel de l'exercice comptable

Dans un délai ne dépassant pas de trois (3) mois qui suivent la fin de l'exercice comptable, le Directeur Général en Chef de l'Organe Exécutif de NAEB soumet à l'autorité de tutelle de NAEB le rapport annuel de l'exercice comptable après son approbation par le Conseil d'Administration conformément aux dispositions légales régissant la gestion des finances et du patrimoine de l'Etat.

UMUTWE WA VII: INGINGO Y'INZIBACYUHO N'IZISOZA

CHAPTER VII: TRANSITIONAL AND FINAL PROVISIONS

CHAPITRE VII: DISPOSITIONS TRANSITOIRES ET FINALES

Ingingo ya 33: Agaciro k'ibyakozwe n'igihe cy'inzibacyuho

Ibyakozwe na NAEB yashyizweho n'Itegeko nº 39/2010 ryo ku wa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo, bikomeza kugira agaciro kabyo.

Article 33: Validity of undertaken actions and transitional period

Actions undertaken by NAEB established by Law n° 39/2010 of 25/11/2010 establishing the National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organization and functioning remain valid.

Article 33: Validité des actes accomplis et période transitoire

Les actes posés par NAEB créé par la Loi nº 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement restent valables.

Mu gihe kitarenze umwaka umwe (1) uhereye ku munsi iri tegeko ritangarijwe mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda, NAEB igomba kuba yamaze guhuza ibikorwa byayo byose n'iri tegeko.

Within a period not exceeding one (1) year from the date of publication of this Law in the Official Gazette of the Republic of Rwanda, NAEB must align all of its activities with this Law.

Dans un délai ne dépassant pas un (1) an à compter de la publication de la présente loi au Journal Officiel de la République du Rwanda, NAEB doit

rendre toutes ses activités conformes à la présente loi.

Ingingo ya 34: Itegurwa, isuzumwa n'itorwa by'iri tegeko

Iri tegeko ryateguwe, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda.

Article 34: Drafting, consideration and adoption of this Law

This Law was drafted, considered and adopted in Kinyarwanda.

Article 34: Initiation, examen et adoption de la présente loi

La présente loi a été initiée, examinée et adoptée en kinyarwanda.

Ingingo ya 35: Ivanwaho ry'itegeko n'ingingo z'amategeko zinyuranyije n'iri tegeko

Itegeko nº 39/2010 ryo kuwa 25/11/2010 rishyiraho Ikigo cy'Igihugu gishinzwe guteza imbere iyoherezwa mu mahanga ry'ibikomoka ku buhinzi n'ubworozi (NAEB) rikanagena inshingano, imiterere n'imikorere byacyo n'ingingo zose z'amategeko abanziriza iri kandi zinyuranyije na ryo bivanyweho.

Article 35: Repealing provision

Law nº 39/2010 of 25/11/2010 establishing National Agricultural Export Development Board (NAEB) and determining its responsibilities, organisation and functioning and all prior provisions contrary to this Law are repealed.

Article 35: Disposition abrogatoire

La loi nº 39/2010 du 25/11/2010 portant création de l'Office National de Développement des Exportations Agricoles (NAEB) et déterminant ses attributions, son organisation et son fonctionnement et toutes les dispositions légales antérieures contraires à la présente loi sont abrogées.

Ingingo ya 36: Igihe iri tegeko ritangira gukurikizwa

Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y' u Rwanda.

Article 36: Commencement

This Law comes into force on the date of its publication in the official Gazette of the Republic of Rwanda.

Article 36: Entrée en vigueur

La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, ku wa 14/04/2017

Kigali, on 14/04/2017

Kigali, le 14/04/2017

(sé)
KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika

(sé)
MUREKEZI Anastase
Minisitiri w'Intebe

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minisitiri w'Ubutabera/ Intumwa Nkuru ya Leta

(sé)
KAGAME Paul
President of the Republic

(sé)
MUREKEZI Anastase
Prime Minister

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Minister of Justice/ Attorney General

(sé)
KAGAME Paul
Président de la République

(sé)
MUREKEZI Anastase
Premier Ministre

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)
BUSINGYE Johnston
Ministre de la Justice/ Garde des Sceaux

ITEKA RYA PEREZIDA N°144/01 RYO KU WA 13/04/2017 RIGENA UBURYO BWO GUSHAKA, GUSHYIRAHO NO GUSHYIRA MU MYANYA ABAKOZI BA LETA

PRESIDENTIAL ORDER N°144/01 OF 13/04/2017 DETERMINING MODALITIES FOR RECRUITMENT, APPOINTMENT AND NOMINATION OF PUBLIC SERVANTS

ARRETE PRESIDENTIEL N°144/01 DU 13/04/2017 DETERMINANT LES MODALITES DE RECRUTEMENT, D'AFFECTATION ET DE NOMINATION DES AGENTS DE L'ETAT

ISHAKIRO

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUSHAKA ABAKOZI BA LETA

Ingingo ya 4: Ibisabwa mu gushaka umukozi wa Leta

Ingingo ya 5: Akanama gashinzwe gushaka abakozi mu rwego rwa Leta

Ingingo ya 6: Inshingano z'akanama gashinzwe gushaka abakozi mu rwego

Ingingo ya 7: Gutangaza umwanya ukenewemo umukozi

TABLE OF CONTENT

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

Article 2: Scope of application

Article 3: Definitions of terms

CHAPTER II: MODALITIES FOR RECRUITMENT OF PUBLIC SERVANTS

Article 4: Requirements for recruitment of a public servant

Article 5: Internal recruitment committee in a public institution

Article 6: Responsibilities of internal recruitment committee

Article 7: Announcement of a vacant post

TABLE DES MATIERES

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Article 2: Champ d'application

Article 3: Définitions des termes

CHAPITRE II: MODALITES DE RECRUTEMENT DES AGENTS DE L'ETAT

Article 4: Exigences pour le recrutement d'un agent de l'Etat

Article 5: Comité interne de recrutement au sein d'une institution publique

Article 6: Attributions du comité interne de recrutement

Article 7: Publication du poste vacant

Ingingo ya 8: Uburyo bwo gusaba akazi	**Article 8: Job application procedure**	**Article 8: Procédure de demande d'emploi**
Ingingo ya 9: Gutoranya abakandida bazakora ibizamini	**Article 9: Shortlisting of candidates**	**Article 9: Présélection des candidats**
Ingingo ya 10: Igihe cyo gutoranya abakandida bazakora ibizamini	**Article 10: Duration for shortlisting of candidates**	**Article 10: Délai de présélection des candidats**
Ingingo ya 11: Itegurwa ry'ibizamini	**Article 11: Preparation of exams**	**Article 11: Préparation des examens**
Ingingo ya 12: Ikorwa ry'ikizamini	**Article 12: Examination process**	**Article 12: Procédure d'examen**
Ingingo ya 13: Ikizamini cyanditse	**Article 13: Written exam**	**Article 13: Examen écrit**
Ingingo ya 14: Itangazwa ry'amanota y'ibizamini byanditse	**Article 14: Publication of results of written exams**	**Article 14: Publication des résultats des examens écrits**
Ingingo ya 15: Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro	**Article 15: Oral exam**	**Article 15: Examen oral**
Ingingo ya 16: Itangazwa ry'amanota y'ibizamini bikorwa mu buryo bw'ikiganiro	**Article 16: Publication of results of oral exam**	**Article 16: Publication des résultats des examens oraux**
Ingingo ya 17: Ikizamini cyihariye	**Article 17: Special examination**	**Article 17: Examen spécial**
Ingingo ya 18: Ubujurire	**Article 18: Appeal**	**Article 18: Recours**
Ingingo ya 19: Gutsinda ibizamini	**Article 19: Passing of exams**	**Article 19: Réussite aux examens**
Ingingo ya 20: Ibyangombwa bisabwa umukandida watsinze ibizamini mbere yo guhabwa akazi	**Article 20: Documents required of a successful candidate before appointment**	**Article 20: Documents exigés au candidat qui a réussi aux examens avant le début de service**

UMUTWE WA III: GUSHYIRAHO ABAKOZI NO KUBASHYIRA MU MYANYA	**CHAPTER III: APPOINTMENT AND NOMINATION**	**CHAPITRE III: AFFECTATION ET NOMINATION**
Ingingo ya 21: Igihe cyo gushyiraho abakandida batsinze	**Article 21: Appointment period for successful candidates**	**Article 21: Délai d'affectation de candidats retenus**
Ingingo ya 22: Gushyira abakozi mu myanya y'ubuyobozi	**Article 22: Appointment of candidates on managerial posts**	**Article 22: Nomination des candidats aux postes de direction**
Ingingo ya 23: Gushyira abakozi mu myanya yo mu byiciro by'imirimo y'abaporofesiyoneli, abatekinisiye n'iy'abunganizi	**Article 23: Appointment of candidates on positions of professional, technical, and support staff categories**	**Article 23: Nomination des candidats aux postes des catégories des professionnels, des techniciens et personnel d'appui**
Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'abakozi mu myanya y'imirimo iri ku rwego rwa H/2 kujyana hejuru	**Article 24: Nomination of a public servant to positions at level H/2 and above**	**Article 24: Nomination d'un agent de l'Etat aux postes de niveaux H/2 et plus**
Ingingo ya 25: Gushyira mu myanya abakozi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage	**Article 25: Appointment of public servants into decentralized administrative entities**	**Article 25: Affectation des agents de l'Etat dans les entités administratives décentralisées**
Ingingo ya 26: Gushyira abakozi mu nzego z'ubuzima	**Article 26: Appointment of personnel in health sectors**	**Article 26: Affectation du personnel dans les secteurs de santé**
Ingingo ya 27: Urutonde rw'abatsinze batahawe akazi	**Article 27: List of non-appointed successful candidates**	**Article 27: Liste des candidats ayant réussi mais ne sont pas affectés**
Ingingo ya 28: Gushyiraho umukozi hakoreshejwe urutonde	**Article 28: Appointment using the list**	**Article 28: Nomination par l'utilisation de la liste**

UMUTWE WA IV: GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA NO KUBABONERA INDI NYUMA Y'IVUGURURA	**CHAPTER IV: APPOINTMENT AND REDEPLOYMENT OF PUBLIC SERVANTS AFTER REFORM**	**CHAPITRE IV: AFFECTATION ET REDEPLOIEMENT APRES LA REFORME**
Ingingo ya 29: Gushyirwa mu myanya nyuma y'ivugurura	**Article 29: Appointment after reform**	**Article 29: Affectation après la réforme**
Ingingo ya 30: Uburyo bwo gushyira abakozi mu myanya itahinduriwe urwego rw'umurimo	**Article 30: Modalities for appointing a public servant whose post was not changed job category**	**Article 30: Modalités d'affectation d'un agent de l'Etat dont le poste n'a pas changé de categorie d'emploi**
Ingingo ya 31: Uburyo bwo gushyira umukozi wa Leta mu mwanya w'umurimo wazamuriwe urwego	**Article 31: Modalities for appointing public servant to a post that was placed in higher job category**	**Article 31: Modalités d'affectation d'un agent de l'Etat à un poste qui a été mis dans une catégorie d'emploi supérieure**
Ingingo ya 32: Uburyo bwo gushyira umukozi wa Leta mu mwanya w'umurimo wamanuriwe urwego	**Article 32: Modalities for appointing a public servant whose post has been put into a lower job category**	**Article 32: Modalités d'affectation des agents de l'Etat dont les postes ont été mis dans une catégorie d'emploi inférieure**
Ingingo ya 33: Gushyira umukozi wa Leta mu mwanya w'umurimo mu gihe hari abakozi ba Leta babiri cyangwa benshi	**Article 33: Appointment of a public servant in case of two (2) or more public servants**	**Article 33: Affectation d'un agent de l'Etat lorsqu'il'ya deux (2) ou plusieurs agents de l'Etat**
Ingingo ya 34: Gushakirwa umwanya mu rundi rwego rwa Leta	**Article 34: Redeployment**	**Article 34: Redéploiement**
Ingingo ya 35: Igihe cyo gushakirwa umwanya ahandi	**Article 35: Redeployment period**	**Article 35: Période de redéploiement**
UMUTWE WA V: KUBIKA AMADOSIYE NO GUTANGA RAPORO	**CHAPTER V: RECORD KEEPING AND REPORTING**	**CHAPITRE V: CONSERVATION DES DOCUMENTS ET REMISE DU RAPPORT**
Ingingo ya 36: Ibikwa ry'impapuro zakoreweho ibizami	**Article 36: Keeping of answer sheets**	**Article 36: Conservation des copies d'examen**

Ingingo ya 37: Gushyikiriza raporo Komisiyo	**Article 37: Submission of the report to the Commission**	**Article 37: Transmission du rapport à la Commission**
Ingingo ya 38: Isuzumwa rya raporo	**Article 38: Evaluation of report**	**Article 38: Evaluation du rapport**
UMUTWE WA VI: INGINGO ZISOZA	**CHAPTER VI: FINAL PROVISIONS**	**CHAPITRE VI: DISPOSITIONS FINALES**
Ingingo ya 39: Abashinzwe gushyira mu bikorwa iri teka	**Article 39: Authorities responsible for the implementation of this Order**	**Article 39: Autorités chargées de l'exécution du présent arrêté**
Ingingo ya 40: Ivanwaho ry'ingingo zinyuranyije n'iri teka	**Article 40: Repealing provision**	**Article 40: Disposition abrogatoire**
Ingingo ya 41: Igihe iri teka ritangirira gukurikizwa	**Article 41: Commencement**	**Article 41: Entrée en vigueur**

ITEKA RYA PEREZIDA N°144/01 RYO KU WA 13/04/2017 RIGENA UBURYO BWO GUSHAKA, GUSHYIRAHO NO GUSHYIRA MU MYANYA ABAKOZI BA LETA

Twebwe, KAGAME Paul,
Perezida wa Repubulika;

Dushingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda ryo mu 2003 ryavuguruwe mu 2015, cyane cyane mu ngingo zaryo, iya 112, iya 120, iya 122 n'iya 176;

Dushingiye ku Itegeko n°86/2013 ryo ku wa 11/09/2013 rishyiraho sitati rusange igenga abakozi ba Leta, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 8;

Dusubiye ku Iteka rya Perezida nº46/01 ryo ku wa 29/07/2011 rigena uburyo bwo gushaka no gushyira mu myanya abakozi bakora mu nzego z'imirimo ya Leta;

Bisabwe na Minisitiri w'Abakozi ba Leta n'Umurimo;

Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 09/12/2016 imaze kubisuzuma no kubyemeza;

TWATEGETSE KANDI DUTEGETSE:

PRESIDENTIAL ORDER N°144/01 OF 13/04/2017 DETERMINING MODALITIES FOR RECRUITMENT, APPOINTMENT AND NOMINATION OF PUBLIC SERVANTS

We, KAGAME Paul,
President of the Republic;

Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda of 2003 revised in 2015, especially in Articles 112, 120, 122 and 176;

Pursuant to Law n°86/2013 of 11/09/2013 establishing the general statutes for public service, especially in Article 8;

Having reviewed Presidential Order nº46/01 of 29/07/2011 determining modalities for the recruitment, appointment and nomination of public servants;

On proposal by the Minister of Public Service and Labour;

After consideration and approval by the Cabinet, in its session of 09/12/2016;

HAVE ORDERED AND HEREBY ORDER:

ARRETE PRESIDENTIEL N°144/01 DU 13/04/2017 DETERMINANT LES MODALITES DE RECRUTEMENT, D'AFFECTATION ET DE NOMINATION DES AGENTS DE L'ETAT

Nous, KAGAME Paul,
Président de la République;

Vu la Constitution de la République du Rwanda du 2003 révisée en 2015, spécialement en ses articles 112, 120, 122 et 176;

Vu la Loi n°86/2013 du 11/09/2013 portant statut général de la fonction publique, spécialement en son article 8;

Revu l'Arrêté Présidentiel nº46/01 du 29/07/2011 déterminant les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'administration publique;

Sur proposition du Ministre de la Fonction Publique et du Travail;

Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 09/12/2016;

AVONS ARRETE ET ARRETONS:

UMUTWE WA MBERE: INGINGO RUSANGE

Ingingo ya mbere: Icyo iri teka rigamije

Iri teka rigena uburyo bwo gushaka, gushyiraho no gushyira mu myanya abakozi ba Leta.

Ingingo ya 2: Abarebwa n'iri teka

Iri teka rireba abakozi ba Leta bagengwa na sitati rusange igenga abakozi ba Leta.

Iri teka rireba kandi abakozi ba Leta bagengwa na sitati zihariye iyo izo sitati zidateganya uburyo bwihariye bwo gushaka abakozi.

Ingingo ya 3: Ibisobanuro by'amagambo

Muri iri teka, amagambo akurikira asobanuwe ku buryo bukurikira:

1º **Komisiyo**: Komisiyo ishinzwe abakozi ba Leta;

2º **Minisitiri**: Minisitiri ufite abakozi ba Leta mu nshingano ze;

3º **inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi**: umuyoboro w'ikoranabuhanga mu itumanaho wabugenewe, wifashishwa mu gushaka abakozi ba Leta.

CHAPTER ONE: GENERAL PROVISIONS

Article One: Purpose of this Order

This Order determines modalities for recruitment, appointment and nomination of public servants.

Article 2: Scope of application

This Order applies to public servants governed by general statutes for public service.

This Order also applies to public servants governed by special statutes where those statutes do not provide for special recruitment procedures.

Article 3: Definitions of terms

For the purposes of this Order, the following terms are defined as follows:

1º **Commission:** Public Service Commission;

2º **Minister:** Minister in charge of public service;

3º **e-recruitment process:** appropriate electronic program for recruitment of public servants.

CHAPITRE PREMIER: DISPOSITIONS GENERALES

Article premier: Objet du présent arrêté

Le présent arrêté détermine les modalités de recrutement, d'affectation et de nomination des agents de l'Etat.

Article 2: Champ d'application

Le présent arrêté s'applique aux agents de l'Etat régis par le statut général de la fonction publique.

Le présent arrêté s'applique également aux agents de l'état régis par les statuts particuliers au cas où ces statuts ne prévoient pas de procédures particulières de recrutement.

Article 3: Définitions des termes

Aux fins du présent arrêté, les termes ci – après sont définis comme suit:

1º **Commission:** Commission de la Fonction Publique;

2º **Ministre:** Ministre ayant la fonction publique dans ses attributions;

3º **recrutement en ligne électronique:** programme électronique établi pour le recrutement des agents de l'Etat.

UMUTWE WA II: UBURYO BWO GUSHAKA ABAKOZI BA LETA

Ingingo ya 4: Ibisabwa mu gushaka umukozi wa Leta

Gutanga umurimo mu butegetsi bwa Leta bikorwa gusa iyo hubahirijwe ibisabwa bikurikira:

1º imbonerahamwe y'imyanya y'imirimo y'urwego rushaka umukozi yaremejwe n'urwego rubifitiye ububasha;

2º umwanya w'umurimo ushakirwa umukozi udafite umukozi wawemejweho;

3º umwanya w'umurimo ushakirwa umukozi wateganyirijwe ingengo y'imari;

4º umwanya w'umurimo ushakirwa umukozi wakorewe inshingano zawo zemejwe n'urwego rubifitiye ububasha.

Urwego rushaka abakozi rugomba gukoresha ipiganwa risesuye.

Icyakora, iyo Komisiyo yabitangiye uruhushya, urwego rushobora gukoresha ipiganwa ryitabirwa gusa n'abasanzwe ari abakozi barwo.

CHAPTER II: MODALITIES FOR RECRUITMENT OF PUBLIC SERVANTS

Article 4: Requirements for recruitment of a public servant

Recruitment of a public servant on a post in Public Service is only carried out if the following requirements are fulfilled:

1º the organizational structure of the concerned institution was approved by the competent authority;

2º the job position to be occupied is vacant;

3º the vacant job position is budgeted for;

4º the vacant job position has a job description that was approved by the competent authority.

The recruiting institution must do so through open competition.

However, with the authorization of the Commission, the concerned institution may use only an internal recruitment process.

CHAPITRE II: MODALITES DE RECRUTEMENT DES AGENTS DE L'ETAT

Article 4: Exigences pour le recrutement d'un agent de l'Etat

Le recrutement d'un poste d'emploi dans la fonction publique n'est effectué que si les conditions suivantes sont remplies:

1º la structure organisationnelle de l'institution concernée a été approuvée par l'autorité compétente;

2º le poste d'emploi à remplir est vacant;

3º le budget du poste à occuper a été prevu;

4º le poste vacant a une description d'emploi approuvée par l'autorité compétente.

L'institution qui désire recruter doit le faire par appel des candidatures ouvert au public.

Toutefois, sur autorisation de la Commission, l'institution concernée peut utiliser seulement le processus de recrutement interne.

Ingingo ya 5: Akanama gashinzwe gushaka abakozi mu rwego rwa Leta

Buri rwego rushyiraho akanama gashinzwe gushaka abakozi barwo kagizwe n'abantu batatu (3) bakurikira:

1º Umuyobozi w'ishami ufite abakozi mu nshingano ze, ari na we Perezida w'akanama;

2º umukozi ufite imicungire y'abakozi mu nshingano ze, ari na we Munyamabanga w'akanama;

3º umukozi umwe (1) ushyirwaho n'ubuyobozi bw'urwego nk'umujyanama w'akanama.

Perezida n'Umunyamabanga ni abanyamuryango bahoraraho b'akanama. Umujyanama w'akanama agira manda y'umwaka umwe (1), ishobora kongerwa inshuro imwe gusa.

Article 5: Internal recruitment committee in a public institution

Each institution establishes an internal recruitment Committee composed of the following three (3) persons:

1º a Director in charge of human resources, as Chairperson of the committee;

2º a Human Resources Officer, as Secretary of the committee;

3º one employee nominated by the management of the institution as an advisor of the committee.

The Chairperson and the Secretary of the committee are permanent members. The advisor of the committee is nominated for a term of one (1) year renewable only once.

Article 5: Comité interne de recrutement au sein d'une institution publique

Chaque institution doit mettre en place un Comité interne de recrutement composé de trois (3) personnes suivantes:

1º le Directeur d'unité ayant les ressources humaines dans ses attributions, en est le Président;

2º le chargé des ressources humaines, en est le Secrétaire;

3º un employé nommé en tant que conseiller du comité par l'administration de l'institution.

Le Président et le Secrétaire sont des membres permanents du comité. Le Conseiller du comité est nommé pour un mandat d'une (1) année renouvelable une seule fois.

Ingingo ya 6: Inshingano z'akanama gashinzwe gushaka abakozi mu rwego

Akanama gashinzwe gushaka abakozi b'urwego gafite inshingano zikurikira:

1º gukurikirana uburyo amapiganwa yo gushaka abakozi akorwa;

Article 6: Responsibilities of internal recruitment committee

The recruitment committee has the following responsibilities:

1º to oversee the process of recruitment;

Article 6: Attributions du comité interne de recrutement

Le comité de recrutement a les attributions suivantes:

1º superviser le processus de recrutement;

2º gutanga inama ku rwego zigamije kugira ngo amapiganwa akorwa hashakishwa abakozi akorwe mu buryo bunoze;

3º gukemura ibibazo bishingiye ku mapiganwa akorwa hashakishwa abakozi hagamijwe kugira inama urwego.

Ingingo ya 7: Gutangaza umwanya ukenewemo umukozi

Urwego rushaka umukozi rutanga itangazo rimenyekanisha umwanya ukenewemo umukozi hakoreshejwe inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi no ku rubuga rwarwo rwa interineti mbere yo gukoresha ibizamini.

Icyakora, iyo umwanya ushakirwa umukozi usaba ubumenyi bushobora gukurwa hanze y'Igihugu cyangwa hari uburyo bwihariye bugomba gukoreshwa mu gushaka abakozi ba Leta bo mu cyiciro runaka, urwego bireba rushobora gukoresha ubundi buryo buboneye bw'ikoranabuhanga butandukanye n'uburyo buvugwa mu gika cya mbere cy'iyi ngingo. Mu rwego rwo kurushaho kumenyekanisha umwanya ukeneye umukozi, urwego rukeneye abakozi rusaba mu nyandiko Komisiyo uburenganzira bwo kugena ubundi buryo buboneye bwakoreshwa.

Itangazo ry'umwanya ukenewemo umukozi rigomba kuba rigizwe n'ibi bikurikira:

1º inyito y'umwanya;

2º to provide advice to the institution with the aim of conducting a proper recruitment process;

3º to resolve litigations related to recruitment with the aim of advising the institution.

Article 7: Announcement of a vacant post

The recruiting institution advertises the vacant post using E-recruitment and its website before conducting exams.

However, if the vacant post requires foreign expertise or if there is need for special recruitment procedure for public servants of a given category, the concerned institution may use other electronic means different from those provided for in Paragraph One of this Article. In the context of maximizing awareness of the vacant job position, the recruiting institution, in writing, requests the Commission authorization to determine other appropriate method of recruitment.

Announcement of a vacant post must contain the following details:

1º job title;

2º conseiller l'institution pour un recrutement adequat ;

3º traiter les litiges liés au recrutement en vue de conseiller l'institution.

Article 7: Publication du poste vacant

L'institution qui désire recruter, annonce le poste vacant en utilisant le recrutement en ligne électronique et son site web avant de faire passer des examens.

Toutefois, lorsque le poste vacant requiert des compétences qui peuvent être trouvées à l'extérieur du pays ou lorsque des procédures spéciales de recrutement des agents de l'Etat d'une catégorie donnée sont exigées, l'institution concernée peut utiliser d'autres moyens électroniques appropriés différents de ceux prévus à l'alinéa premier du présent article. Pour mieux diffuser l'information sur le poste d'emploi vacant, l'institution qui désire recruter adresse une requête écrite à la Commission demandant l'autorisation d'utiliser une autre procédure de recrutement appropriée.

Le communiqué du poste vacant doit contenir les détails suivants:

1º le titre de l'emploi;

2º urwego rw'umurimo n'umubare w'imyanya y'umurimo ishakirwa abakozi;	2º job level and number of vacant job positions;	2º le niveau d'emploi et le nombre de postes d'emploi vacant;
3º umuyobozi uyobora umukozi ku rwego rwa mbere;	3º direct supervisor;	3º le supérieur hiérarchique direct;
4º inshingano z'umwanya n'ibisabwa kuri uwo mwanya bisa neza n'ibiri mu mbonerahamwe y'imirimo yemejwe n'urwego rubifitiye ububasha;	4º job description and job profile exactly as provided for in the organizational structure approved by the competent authority;	4º la description du poste et le profil d'emploi tel qu'ils sont repris dans la structure organisationnelle approuvée par l'autorité compétente;
5º itariki ntarengwa yo gutanga dosiye isaba akazi;	5º closing date of submission of application file;	5º la date limite de dépôt du dossier de demande d'emploi;
6º amazina y'umuyobozi washyize umukono ku itangazo n'itariki yawushyiriyeho.	6º names of the authority who signs the announcement and date of signature.	6º les noms de l'autorité qui a signé le communiqué et la date de signature.
Hagati y'umunsi w'itangazwa ry'umwanya ushakirwa umukozi n'umunsi ntarengwa wo kwakira amadosiye binyujijwe mu nzira y'ikoranabuhanga isabirwamo akazi, hagomba kubamo iminsi itanu (5) y'akazi nibura.	There must be at least five (5) working days between the date of announcement of the job vacancy and the deadline for receiving electronic applications.	Entre la date de la publication du communiqué et la date limite de dépôt des dossiers électroniques de demande d'emploi, il doit y avoir au moins cinq (5) jours ouvrables.
<u>Ingingo ya 8:</u> Uburyo bwo gusaba akazi	**<u>Article 8</u>: Job application procedure**	**<u>Article 8:</u> Procédure de demande d'emploi**
Umuntu usaba akazi ku mwanya watangajwe agomba kuzuza akanohereza ifishi ikoze mu buryo bw'ikoranabuhanga akoresheje inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi.	Any job applicant for the advertised job position must fill and submit an electronic job application form using online E- recruitment process.	Le demandeur d'emploi doit remplir et envoyer une fiche électronique de demande d'emploi en utilisant le recrutement en ligne électronique.
Umuntu usaba akazi agomba kandi gufotoza mu buryo bubika kopi y'ikoranabuhanga kandi akohereza indangamuntu ye y'umwimerere cyangwa ikiyisimbura na kopi y'impamyabumenyi	Any job applicant must also scan and send his/her original national identity card or its equivalent and a copy of his/her degree to the recruiting institution using E-recruitment process.	Le demandeur d'emploi doit également scanner et envoyer l'original de sa carte d'identité ou son équivalent et la copie de son diplôme à l'institution

ku rwego rushaka umukozi hifashishijwe inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi.

qui désire recruter en utilisant le recrutement en ligne électronique.

Iyo umuntu usaba akazi afite ubumuga, kandi akaba akwiye umwihariko mu gukoreshwa ikizamini, agomba kubigaragaraza muri dosiye ye isaba akazi, yandika ahabugenewe ubwoko bw'ubumuga afite.

If the job applicant is a person with disability who deserves special conditions during the examination process, he/she must specify the nature of his/ her disability in the appropriate box on the application form.

Lorsque le demandeur d'emploi est une personne handicapée, qui requiert des conditions particulières lors de l'examen, il doit mentionner la nature de son handicap dans la case appropriée.

Iyo nta bantu basaba akazi babonetse ku myanya yatangajwe inshuro eshatu (3), urwego rushaka abakozi rubimenyesha Minisitiri na Komisiyo bagasuzuma uburyo uwo mwanya wabonerwa umukozi.

Where no applications have been received for posts that were advertised three (3) times, the recruiting institution informs the Minister and the Commission in order to devise other means of filling the vacant post.

Lorsqu'il n'y a pas eu de demande reçue pour les postes publiés trois (3) fois, l'institution qui désire recruter en informe le Ministre et la Commission, afin de concevoir d'autres moyens pour combler le poste vacant.

Ingingo ya 9: Gutoranya abakandida bazakora ibizamini

Article 9: Shortlisting of candidates

Article 9: Présélection des candidats

Mbere yo gukoresha ibizamini, urwego rushaka abakozi rugomba kugaragaza urutonde rw'abakandida bemerewe n'abatemerewe gukora ikizamini n'impamvu batemerewe. Urutonde rutangazwa hifashishijwe inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi kandi abakandida bakabimenyeshwa hifashishijwe *E-mails* n'ubutumwa bugufi kuri telefoni.

Before exams, the recruiting institution must publish a list of candidates selected and those who are not selected to sit for the exams and the reasons for elimination of the latter. The list must be published using E-recruitment process and candidates must be notified through E-mails and telephone short messaging system.

Avant de faire passer l'examen, l'institution qui désire recruter doit publier la liste des candidats retenus et celle des candidats non retenus au concours ainsi que les motifs de leur élimination. La liste est publiée en utilisant le recrutement en ligne électronique, par E-mails et par voie du système de messagerie téléphonique.

Gutegura no kwemeza urutonde rw'abemerewe n'abatemerewe gukora ikizamini bikorwa n'abantu nibura batatu (3) bagenwe n'umuyobozi ubifitiye ububasha w'urwego rushaka umukozi.

The shortlisting is done by at least three (3) persons (3) designated by the competent authority of the recruiting institution.

La présélection des candidats est faite par trois (3) personnes au moins désignées par l'autorité compétente de l'institution qui désire recruter.

Ingingo ya 10: Igihe cyo gutoranya abakandida bazakora ibizamini

Gutoranya abakandida bazakora ibizamini bikorwa mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku itariki ntarengwa abakandida bagomba kuba batangiyeho amadosiye asaba akazi.

Article 10: Duration for shortlisting of candidates

Shortlisting of candidates is carried out within a period of five (5) working days from the closing date of submission of applications.

Article 10: Délai de présélection des candidats

La présélection des candidats se fait dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir de la date limite de dépôt des candidatures.

Ingingo ya 11: Itegurwa ry'ibizamini

Urwego rushaka abakozi rushobora kwiyambaza, iyo bibaye ngombwa urundi rwego rwa Leta usibye Komisiyo cyangwa rukiyambaza biro y'impuguke mu gutegura, gukoresha no gukosora ibizamini.

Article 11: Preparation of exams

The recruiting institution may, if necessary, seek assistance of another public institution, with exception of the Commission or hire a consultancy firm to prepare, conduct and mark exams.

Article 11: Préparation des examens

L'institution qui désire recruter peut, en cas de besoin, faire recours à une autre institution publique autre que la Commission ou à un bureau de consultance pour préparer, administrer et corriger les examens.

Umukandida wemerewe akora ikizamini cyanditse n'ikizamini gikozwe ku buryo bw'ikiganiro. Ibizamini byose hamwe bibarirwa amanota angana n'ijana ku ijana (100%).

A candidate must sit for a written exam and oral interview. All exams are rated on a total score of one hundred percent (100%).

Le candidat présélectionné doit passer les examens écrits et oraux. Tous les examens sont cotés sur une note totale de cent pour cent (100%).

Impuguke zitegura ibizamini byose zigomba kuba zifite ubumenyi buhagije mu bisabwa kuri uwo mwanya.

All examiners must have sufficient knowledge of the subject matter with regard to the vacant post.

Les examinateurs de tous les examens doivent avoir des connaissances suffisantes en matières relatives au poste vacant.

Inteko y'abakoresha ibizamini mu buryo bw'ikiganiro igomba kuba igizwe nibura n'abantu batatu (3).

The panel of oral examiners must be composed of at least three (3) members.

Le panel pour l'examen oral doit être composé d'au moins trois (3) membres.

Ikizamini gishobora gutegurwa no gukorwa mu ndimi eshatu (3) zemewe mu butegetsi. Icyakora iyo cyateguwe mu rurimi rutari Ikinyarwanda, kigomba gutegurwa mu Gifaransa n'Icyongereza umukandida agahitamo ururimi akoresha.

The exam may be prepared and conducted in three (3) official languages. However, if the exam is prepared in a language other than Kinyarwanda, it must be prepared in both French and English to enable a candidate to choose the language to use.

L'examen doit être préparé et effectué dans trois (3) langues officielles. Toutefois, lorsque l'examen a été préparé dans une langue autre que le Kinyarwanda, il doit être préparé en français et en anglais, et le candidat choisit la langue qu'il utilise.

Ingingo ya 12: Ikorwa ry'ikizamini

Urwego rushaka umukozi rutangaza amatariki, isaha n'ahantu ibizamini bizakorerwa.

Ikizamini gikorwa ku munsi n'amasaha by'akazi.

Iyo bibaye ngombwa, urwego rushaka abakozi gishobora gukoresha iyakure yifashisha ikoranabuhanga mu itumanaho ku kizamini gikorwa ku buryo bwanditse cyangwa bw'ikiganiro hakoreshejwe ibikoresho byabugenewe byemezwa na Komisiyo.

Umukandida usaba akazi wagaragaje ubumuga afite nk'uko biteganywa mu ngingo ya 8 y'iri teka, yoroherezwa gukora ikizamini hitawe ku bumuga bwe.

Ingingo ya 13: Ikizamini cyanditse

Ikizamini cyanditse gitegurwa hakurikijwe ibisabwa kuri buri mwanya kandi gikorerwa ku manota angana na mirongo itanu ku ijana (50%) ugereranyije n'amanota yose y'ibizamini byose bikorwa.

Ikizamini cyanditse gikorwa mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi ukurikira uwo urutonde rw'abemerewe gukora rwasohokeyeho.

Umukandida ntagomba kwandika izina rye ku rupapuro rw'ikizamini. Mu mwanya w'amazina

Article 12: Examination process

The recruiting institution announces the date, time and venue for the exams.

Examination is conducted on a working day and during working hours.

The recruiting institution, if considered necessary, may use electronic means to conduct a written or oral exam using appropriate facilities authorized by the Commission.

A job applicant who specifies his/her disability as provided for in Article 8 of this Order, is facilitated to sit for the exam taking into consideration his/her disability.

Article 13: Written exam

A written exam is prepared in accordance with the requirements of each post and is marked out of fifty percent (50%) of the total marks of all exams.

The written exam is held within a period of three (3) working days starting from the date of publication of shortlisted candidates.

A candidate must not write his/her name on the answer sheet. Codes are used instead of names and

Article 12: Procédure d'examen

L'institution qui désire recruter, publie la date, l'heure et le lieu des examens.

L'examen est passé au jour ouvrable et pendant les heures de service.

L'institution qui désire recruter, en cas de besoin, peut utiliser les moyens électroniques, pour faire passer l'examen écrit ou oral en utilisant des facilités appropriées approuvées par la Commission.

Le candidat qui a spécifié son handicap tel que prescrit aux dispositions de l'article 8 du présent arrêté est facilité à passer l'examen en tenant compte de son handicap.

Article 13: Examen écrit

L'examen écrit est préparé conformément aux exigences du poste ouvert au concours et est coté à cinquante pour cent (50%) du total de la note attribuée à tous les examens prévus à ce poste.

L'examen écrit doit être passé endéans trois trois (3) jours ouvrables à compter du jour de publication de la liste des candidats présélectionnés.

Un candidat ne doit pas mentionner son nom sur la feuille de réponse. Les codes sont utilisés à la place

hakoreshwa amagambo cyangwa umubare w'ibanga bigenwa kandi bikabikwa n'urwego rushaka abakozi. Kodi n'amazina by'abakandida bihuzwa ibizamini bimaze gukosorwa.

they are kept by the recruiting institution. The matching of codes and names of candidates is made after the marking of the exams.

des noms et sont gardés par l'institution qui désire recruter. La coordination des codes et des noms est faite après la correction des examens.

Ikizamini kigamije kureba uko ibyo umukandida azi abishyira mu bikorwa na cyo kiri mu bigize ikizamini cyanditse, kandi iyo bibaye ngombwa gishobora gukorwa ukwacyo.

A practical exam is part of the written exam and it may, if considered necessary, be done separately.

L'examen pratique fait partie de l'examen écrit et peut, en cas de besoin, être fait séparément.

Ingingo ya 14: Itangazwa ry'amanota y'ibizamini byanditse

Article 14: Publication of results of written exams

Article 14: Publication des résultats des examens écrits

Amanota y'abakoze ibizamini byanditse agomba gutangazwa mu gihe kitarenze iminsi icumi (10) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi amapiganwa yarangiriyeho.

The results of written exams are published within ten (10) working days starting from the date on which exams were finalised.

Les résultats des examens écrits sont publiés dans un délai ne dépassant pas dix (10) jours ouvrables comptés à partir du dernier jour du concours.

Amanota abakandida babonye atangazwa hifashishijwe inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi kandi abakandida bakamenyeshwa hifashishijwe *E- mails* n'ubutumwa bugufi kuri telefoni.

The results obtained by candidates are published using E-recruitment process and candidates are notified through E-mails and telephone short messaging system.

Les résultats obtenus par les candidats sont publiés en utilisant le recrutement en ligne électronique, par E-mails et par voie du système de messagerie téléphonique.

Ingingo ya 15: Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro

Article 15: Oral exam

Article 15: Examen oral

Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro kigenerwa amanota angana na mirongo itanu ku ijana (50%) y'amanota yose y'ibizamini byakozwe. Abakandida bagejeje ku manota angana na mirongo itanu ku ijana (50%) mu kizamini cyanditse ni bo bemererwa gukora ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro.

An oral exam is marked out of fifty percent (50%) of the total marks of all exams.

Only candidates who score fifty percent (50%) in the written exam are eligible for the oral exam.

Un examen oral est coté à cinquante pour cent (50%) du total de la note attribuée à tous les examens.

Seuls les candidats qui obtiennent la note de cinquante pour cent (50%) dans l'examen écrit sont éligibles pour l'examen oral.

Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro kigomba kuba kigizwe n'ibibazo bimwe ku bakandida bakora ku mwanya umwe.

An oral exam is comprised of the same questions for candidates on the same post.

Un examen oral est composé de mêmes questions pour les candidats au même poste.

Ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro gikorwa nyuma y'iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi ukurikira uwo amanota y'ikizamini cyanditse yashyiriwe ahagaragara. Iyo hari umukandida wajuririye amanota y'ikizamini cyanditse, ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro gikorwa ubujurire burangiye.

An oral exam is conducted after three (3) working days starting from the day following the date of publication of the results of the written exam. If a candidate appeals against the results of a written exam, the oral exam is conducted after conclusion of the appeal.

Un examen oral est passé après trois (3) jours ouvrables à compter du lendemain de la publication des résultats de l'examen écrit. Si un candidat fait appel contre les résultats d'un examen écrit, l'examen oral est passé après la conclusion sur l'appel.

Iyo hakorwa ikizamini mu buryo bw'ikiganiro, hafatwa amajwi n'amashusho. Amashusho afatwa mu buryo bugaragaza impande zombi, impuguke zibaza n'umukandida ubazwa. Amajwi nayo agomba gufatwa ku buryo bwumvikana neza.

During an oral exam, an audio-visual recording is conducted. The video is recorded in a way that shows the examiners and the interviewed candidate. The audio must also be well recorded with clear voices.

L'enregistrement audio-visuel est fait au cours de l'examen oral. La vidéo doit être faite de façon à montrer les examinateurs et le candidat. L'audio doit également être bien enregistré avec des voix claires.

<u>Ingingo ya 16:</u> Itangazwa ry'amanota y'ibizamini bikorwa mu buryo bw'ikiganiro

<u>Article 16:</u> Publication of results of oral exam

<u>Article 16:</u> Publication des résultats des examens oraux

Amanota y'abakoze ibizamini bikorwa mu buryo bw'ikiganiro atangazwa mu gihe kitarenze umunsi umwe (1) w'akazi uhereye umunsi amapiganwa yarangiriyeho.

The results of the oral exam are published in a period not exceeding one (1) working day starting from the date on which the exam was finalised.

Les résultats des examens oraux doivent être publiés dans un délai ne dépassant pas un (1) jour ouvrable à partir du dernier jour du concours.

Amanota abakandida babonye atangazwa hifashishijwe inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi kandi abakandida bakamenyeshwa hifashishijwe *E-mails* n'ubutumwa bugufi kuri telefoni.

The results obtained by candidates are published using E-recruitment and candidates are notified through E-mails and telephone short messaging system.

Les résultats obtenus par les candidats sont publiés en utilisant le recrutement en ligne électronique, par E-mails et par voie du système de messagerie téléphonique.

Ingingo ya 17: Ikizamini cyihariye

Urwego rushaka abakozi rushobora gutanga ikizamini kimwe kigahabwa amanota ijana ku ijana (100%) byemejwe na Komisiyo.

Ingingo ya 18: Ubujurire

Umukandida wumva ko yarenganyijwe mu gihe cyo gushaka abakozi ashobora kujuririra ku rwego rwa mbere urwego rushaka umukozi mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye ku munsi w'igikorwa cyangwa icyemezo ajuririra.

Ubujurire butangwa hakoreshejwe inzira y'ikoranabuhanga mu itumanaho mu gushaka abakozi.

Iyo bigaragaye ko hakozwe ikosa mu guteranya amanota, bikosorwa ako kanya n'abakoresheje ibizamini.

Iyo ikosa ryakozwe rishingiye ku mikosorere, urwego rushaka umukozi rusaba uwateguye akanakosora ibizamini gusubiramo itangwa ry'amanota uko bikwiye. Gukosorwa bikorwa ku bakandida bose bakoze ikizamini kuri uwo mwanya.

Urwego rwajuririwe rugomba gutanga igisubizo ku bujurire mu gihe cy'iminsi itatu (3) y'akazi ibarwa uhereye ku munsi ubujurire bwakiriweho.

Article 17: Special examination

The recruiting institution may, with the approval of the Commission, conduct a single exam which is marked out of a hundred percent (100%).

Article 18: Appeal

A candidate who believes that he/she is aggrieviated during the recruitment process, may appeal on the first degree to the recruiting institution within a period not exceeding three (3) working days starting from the date of the act or decision he/she is appealing against.

The appeal is made by using E-recruitment process.

If it is evident that there is an error in the addition of marks, a correction is immediately made by examiners.

If it is an error in the marking procedure, the recruiting institution requests the examiner to review the marks correctly. In this case, correction is reviewed for all candidates who passed the exam on this post.

The institution to which the appeal is made is required to give a response within three (3) working days from the date of reception of the appeal.

Article 17: Examen spécial

L'institution qui désire recruter le personnel peut, sur approbation de la Commission, faire passer un examen unique évalué à cent pour cent (100%).

Article 18: Recours

Le candidat qui se croit lésé au cours du processus de recrutement peut introduire au premier degré un recours devant l'institution qui désire recruter dans un délai ne dépassant pas trois (3) jours ouvrables à partir du jour de l'acte ou de la décision qu'il attaque.

Le recours se fait en utilisant le recrutement en ligne électronique.

S'il est constaté une erreur dans l'addition des points, une correction en est faite immédiatement par les examinateurs.

Si une erreur est en rapport avec la correction, l'institution qui désire recruter demande à l'examinateur de réviser la note de manière appropriée. Dans ce cas, la correction est revue pour tous les candidats qui ont passé l'examen sur ce poste.

L'institution saisie du recours est tenue de statuer endéans trois (3) jours ouvrables à partir du jour de la réception du recours.

Iyo umukandida atanyuzwe n'icyemezo cyafashwe, ajurira ku rwego rwa kabiri muri Komisiyo mu gihe cy'iminsi ibiri (2) y'akazi uhereye itariki yaboneyeho igisubizo cy'urwego rwakoresheje ibizamini. Komisiyo ifata icyemezo ku kibazo yajuririwe mu gihe kitarenze iminsi itanu (5) y'akazi uhereye ku munsi yakiriyeho ubujurire.

If a candidate is not satisfied with the decision made, he/she appeals on the second degree to the Commission within two (2) working days from the date of receipt of the response from the institution that conducted exams. The Commission renders its decision within a period of five (5) working days from the date of receipt of the appeal.

Lorsqu'un candidat n'est pas satisfait de la décision prise, il saisit au second degré la Commission endéans deux (2) jours ouvrables à compter du jour de réception de la réponse par l'institution qui a donné l'examen. La Commission saisie statue dans un délai ne dépassant pas cinq (5) jours ouvrables à partir du jour de la réception du recours.

Igihe cyose bigaragaye ko hari umukandida wajuriye ku rwego rwa kabiri kandi utarabonerwa igisubizo na Komisiyo ku bujurire bwe ikizamini cyanditse cyangwa ikizamini gikorwa mu buryo bw'ikiganiro ntibishobora gukorwa.

Where a candidate has appealed to the Commission at the second degree, a written or oral exam cannot be conducted until the Commission provides a response to the appeal in question.

Lorsqu'un candidat a fait recours au second degré, l'examen écrit ou l'examen oral ne peut pas être passé jusqu'à ce que la Commission ait donné une réponse au recours en question.

Ingingo ya 19: Gutsinda ibizamini

Umukandida aba yatsinze ikizamini iyo yagize nibura amanota mirongo irindwi ku ijana (70%) mu bizamini byose yakoze. Iyo nta mukandida wagejeje kuri ayo manota, imyanya irongera igatangazwa, hagakoreshwa ibindi bizamini.

Article 19: Passing of exams

A candidate who achieves a cumulative grade of at least seventy percent (70%) of total marks in all exams is considered successful. If no candidate obtains this grade, the vacancies are re-advertised and other exams are conducted.

Article 19: Réussite aux examens

Est considéré comme ayant réussi, le candidat qui obtient une note cumulative d'au moins soixante-dix pour cent (70%) de points pour tous les examens. Si aucun candidat n'a obtenu cette note, les postes vacants sont à nouveau publiés et d'autres examens sont organisés.

Iyo abakandida babiri (2) banganyije amanota ku mwanya umwe upiganirwa harimo n'umukandida ufite ubumuga, icyo gihe hahabwa amahirwe umukandida ufite ubumuga.

If two (2) candidates obtain equal marks for one post and one of them is a person with disability, the latter is given preference.

Lorsque les deux (2) candidats ont obtenu une même note pour un même poste et que l'un d'entre eux est une personne handicapée, la préférence est donnée à cette dernière.

Iyo abakandida babiri (2) bafite ubumuga banganyije amanota ku mwanya umwe upiganirwa, hitabwa ku burambe ku kazi. Iyo banganya uburambe ku kazi, amahirwe ahabwa umugore.

If two (2) candidates with disabilities obtain equal marks for the same vacant post, the experience is taken into consideration. If they have the same experience, preference should be given to a female.

Lorsque les deux (2) candidats handicapés ont obtenu une même note pour un même poste, on tient compte de l'expérience. S'ils ont une même expérience, la préférence est donnée à une femme.

Ingingo ya 20: Ibyangombwa bisabwa umukandida watsinze ibizamini mbere yo guhabwa akazi

Mbere yo guhabwa akazi, umukandida watsinze ibizamini agomba kubanza kwerekana ibyangombwa bikurikira:

1º umwirondoro wuzuye;

2º fotokopi y'impamyabumenyi iriho umukono wa noteri;

3º ifoto ngufi imwe;

4º icyemezo cy'uko atakatiwe cyangwa yakatiwe n'inkiko;

5º icyemezo cyo kwa muganga.

Article 20: Documents required of a successful candidate before appointment

Before appointment, a successful candidate is required to present the following documents:

1º a detailed curriculum vitae;

2º a certified copy of the original degree;

3º one passport photo;

4º a criminal record certificate;

5º a medical certificate.

Article 20: Documents exigés au candidat qui a réussi aux examens avant le début de service

Avant l'affectation effective, le candidat qui a réussi aux examens doit présenter les documents suivants:

1º un Curriculum Vitae détaillé;

2º une photocopie notariée de diplôme;

3º une photo passeport;

4º un extrait du casier judiciaire;

5º une attestation médicale.

UMUTWE WA III: GUSHYIRAHO ABAKOZI NO KUBASHYIRA MU MYANYA

Ingingo ya 21: Igihe cyo gushyiraho abakandida batsinze

Gushyira mu myanya abakandida batsinze bikorwa mu gihe kitarenze iminsi mirongo itatu (30) y'akazi, uhereye ku itariki amanota ya nyuma yatangarijwe.

Ingingo ya 22: Gushyira abakozi mu myanya y'ubuyobozi

Iyo imyanya ishakirwa abakozi ari iy'ubuyobozi, inzego bireba zohererezа Minisitiri amadosiye y'abatsinze, na we akayashyikiriza Ibiro bya

CHAPTER III: APPOINTMENT AND NOMINATION

Article 21: Appointment period for successful candidates

The appointment of a successful candidate is done within thirty (30) working days starting from the date of the publication of final results.

Article 22: Appointment of candidates on managerial posts

If the vacant posts are of managerial nature, the concerned institution submits the files of successful candidates to the Minister, who also

CHAPITRE III: AFFECTATION ET NOMINATION

Article 21: Délai d'affectation de candidats retenus

L'affectation des candidats retenus se fait endéans trente (30) jours ouvrables à compter de la date de publication des résultats définitifs.

Article 22: Nomination des candidats aux postes de direction

Lorsque les postes ouverts au concours sont des postes de direction, les institutions concernées envoient les dossiers des candidats qui ont réussi au

Minisitiri w'Intebe, kugira ngo bisuzumwe kandi byemezwe n'Inama y'Abaminisitiri.

Ingingo ya 23: Gushyira abakozi mu myanya yo mu byiciro by'imirimo y'abaporofesiyoneli, abatekinisiye n'iy'abunganizi

Iyo imyanya ari iyo mu byiciro by'imirimo y'abaporofesiyoneli, abatekinisiye n'iy'abunganizi, gushyira abakozi mu myanya bikorwa ku buryo bukurikira:

1º muri Serivisi za Perezidansi ya Repubulika, Umuyobozi w'Ibiro bya Perezida wa Repubulika ashyira mu myanya abakandida batsinze;

2º muri buri mutwe w'Inteko Ishinga Amategeko, Umunyamabanga Mukuru ashyira mu myanya abakandida batsinze;

3º muri Serivisi z'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe, Umuyobozi w'Ibiro bya Minisitiri w'Intebe ashyira mu myanya abakandida batsinze;

4º mu Rukiko rw'Ikirenga, Umunyamabanga Mukuru ashyira mu myanya abakandida batsinze;

5º muri Minisiteri, Minisitiri ashyira mu myanya abakandida batsinze;

6º muri Komisiyo z'Igihugu, mu Nzego zihariye, mu Nama z'Igihugu no mu Bigo bya Leta, Inama y'Ubuyobozi ishyira mu myanya

submits the files to the Prime Minister's Office for consideration and approval by the Cabinet.

Article 23: Appointment of candidates on positions of professional, technical, and support staff categories

Where vacant posts fall within the categories of professional, technical and support staff, the appointment is done as follows:

1º in the Services of the Office of the President of the Republic, the Director of Cabinet in the Office of the President of the Republic appoints successful candidates;

2º in each Chamber of the Parliament, the Clerk appoints successful candidates;

3º in the Services of the Office of the Prime Minister, the Director of Cabinet in the Office of the Prime Minister appoints successful candidates;

4º in the Supreme Court, the Secretary General appoints successful candidates;

5º in a Ministry, the Minister appoints successful candidates;

6º in National Commissions, Specialized Organs, National Councils and Public Institutions, the Board of Directors appoints

Ministre qui, à son tour, les transmet à la Primature pour examen et approbation par le Conseil des Ministres.

Article 23: Nomination des candidats aux postes des catégories des professionnels, des techniciens et personnel d'appui

Lorsque les postes vacants relèvent des catégories des professionnels, des techniciens et du personnel d'appui, l'affectation est effectuée de la manière suivante:

1º au sein des Services de la Présidence de la République, le Directeur de Cabinet du Président de la République affecte les candidats retenus ;

2º dans chaque Chambre du Parlement, le Secrétaire Général affecte les candidats retenus;

3º au sein de la Primature, le Directeur de Cabinet du Premier Ministre affecte les candidats retenus;

4º au sein de la Cour Suprême, le Secrétaire Général affecte les candidats retenus;

5º au sein du Ministère, le Ministre affecte les candidats retenus;

6º dans les Commissions Nationales, les Organes spécialisés, les Conseils Nationaux et les Etablissements Publics, le Conseil

abakandida batsinze. Iyo ntayihari, Umuyobozi Mukuru w'Urwego ashyira mu myanya abakandida batsinze;

successful candidates. If there is no Board of Directors, the Head of institution appoints successful candidates;

d'Administration affecte les candidats retenus. S'il n'y a pas de Conseil d'Administration, le Dirigeant de l'institution affecte les candidats retenus;

7º ku rwego rw'Intara, Guverineri ashyira mu myanya abakandida batsinze.

7º at provincial level, the Governor appoints the successful candidates.

7º au niveau de la Province, le Gouverneur affecte les candidats retenus.

Ingingo ya 24: Ishyirwaho ry'abakozi mu myanya y'imirimo iri ku rwego rwa H/2 kujyana hejuru

Abakozi bo ku myanya y'imirimo iri ku rwego rwa H/2 kujyana hejuru bashyirwa muri iyo myanya n'abayobozi babifitiye ububasha.

Article 24: Appointment of a public servant to positions at level H/2 and above

Public servants with positions at level H/2 and above are appointed by competent authorities.

Article 24: Nomination d'un agent de l'Etat aux postes de niveaux H/2 et plus

Les agents de l'Etat aux postes de niveau H/2 et plus sont nommés par les autorités compétentes.

Ingingo ya 25: Gushyira mu myanya abakozi mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage

Mu nzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage, Umunyamabanga Nshingwabikorwa ashyikiriza Komite Nyobozi raporo y'ipiganwa kugira ngo iyemeze kandi ishyire abakozi mu myanya.

Icyakora, Umunyamabanga Nshingwabikorwa n'Umugenzuzi w'Imari b'inzego z'imitegekere y'Igihugu zegerejwe abaturage bashyirwa mu myanya n'Inama Njyanama.

Article 25: Appointment of public servants into decentralized administrative entities

In decentralized administrative entities, the Executive Secretary submits to the Executive Committee the recruitment report for approval and appointment of staff.

However, the Executive Secretary and Internal Auditor of decentralized administrative entities are appointed by the Council.

Article 25: Affectation des agents de l'Etat dans les entités administratives décentralisées

Au sein des entités administratives décentralisées, le Secrétaire Exécutif transmet au Comité Exécutif le rapport de recrutement pour approbation et affectation du personnel.

Toutefois, le Secrétaire Exécutif et l'auditeur interne des entités administratives décentralisées sont affectés par le Conseil.

Ingingo ya 26: Gushyira abakozi mu nzego z'ubuzima

Abakandida bakirangiza mu mashuri yigisha ibyo kuvura bashyirwa mu kazi mu nzego z'ubuvuzi hakoreshejwe koherezwa.

Iteka rya Minisitiri ufite ubuzima mu nshingano ze rigena uburyo bwo gushyira abakandida bakirangiza mu myanya yo mu nzego z'ubuvuzi.

Article 26: Appointment of personnel in health sectors

New graduates who have just completed medical studies are appointed in medical institutions through a deployment process.

An Order of the Minister in charge of health determines the modalities for deployment of medical graduates in medical institutions.

Article 26: Affectation du personnel dans les secteurs de santé

Les candidats qui venant de terminer les études médicales sont affectés dans les institutions médicales par voie de déploiement.

Un arrêté du Ministre ayant la santé dans ses attributions détermine les modalités de déploiement de nouveaux diplômés dans les institutions médicales.

Ingingo ya 27: Urutonde rw'abatsinze batahawe akazi

Urwego rwakoresheje ibizamini, rwohererezа Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo, urutonde rw'abatsinze batabonewe imyanya mu gihe kitarenze iminsi itatu (3) y'akazi uhereye umunsi amanota ya nyuma yatangarijwe.

Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo, ibika urutonde rw'abatsinze ariko batabonewe imyanya bashyirwamo, urwo rutonde rugira agaciro mu gihe cy'amezi atandatu (6).

Article 27: List of non-appointed successful candidates

An institution that has conducted the exam sends to the Ministry in charge of public service the list of non-appointed successful candidates within a period of three (3) working days from the day of publication of final results.

The Ministry in charge of public service keeps the database of non-appointed successful candidates during a validity period of six (6) months.

Article 27: Liste des candidats ayant réussi mais ne sont pas affectés

L'institution ayant fait passer l'examen doit, dans un délai n'excédant pas trois (3) jours ouvrables à compter du jour de la publication des résultats définitifs envoyer au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions, la liste des candidats ayant réussis mais qui ne sont pas affectés.

Le Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions, conserve la base de données des candidats ayant réussi les examens sans être affectés pour une période de validité de six (6) mois.

Ingingo ya 28: Gushyiraho umukozi hakoreshejwe urutonde

Iyo uwahawe akazi akavuyemo mu gihe giteganijwe mu ngingo ya 27 y'iri teka uwamukuriye mu manota ashyirwa mu mwanya avuyemo.

Article 28: Appointment using the list

In case an appointed employee leaves his/her post within the period provided for in Article 27 of this Order, the next successful candidate is appointed.

Article 28: Nomination par l'utilisation de la liste

Lorsque le candidat retenu quitte son poste dans un délai prévu à l'article 27 du présent arrêté le candidat suivant est affecté.

Urwego rukeneye umukozi uri ku rutonde rwandikira Minisiteri ifite abakozi ba Leta mu nshingano zayo rusaba umukozi rwifuza, rugasubizwa mu gihe kitarenze iminsi cumi n'itanu (15) y'akazi rumuhabwa avuye kuri rutonde cyangwa rugahabwa uburengaznira bwo gukoresha ipiganwa ku mwanya ukenewemo umukozi.

An institution that needs an employee from the list writes to the Ministry in charge of public service requesting for an employee and receives the reply within a period not exceeding fifteen (15) working days from the date of receipt providing an employee from the list or authorizing recruitment for the vacant post.

Une institution qui a besoin d'un employé en fait la demande par écrit au Ministère ayant la fonction publique dans ses attributions et obtient la réponse dans un délai n'excédant pas quinze (15) jours ouvrables à compter de la date de réception lui donnant l'employé en provenance de la liste ou l'autorisant de procéder au recrutement pour le poste vacant.

UMUTWE WA IV: GUSHYIRA ABAKOZI MU MYANYA NO KUBABONERA INDI NYUMA Y'IVUGURURA

CHAPTER IV: APPOINTMENT AND REDEPLOYMENT OF PUBLIC SERVANTS AFTER REFORM

CHAPITRE IV: AFFECTATION ET REDEPLOIEMENT APRES LA REFORME

Ingingo ya 29: Gushyirwa mu myanya nyuma y'ivugurura

Iyo habayeho ivugurura ry'inzego za Leta cyangwa urwego rumwe bigatera impinduka ku myanya y'imirimo cyangwa ibisabwa ku myanya y'imirimo, abari basanzwe ari abakozi b'urwego rwavuguruwe bimurirwa mu rwego rushya mu gihe bujuje ibisabwa ku myanya y'imirimo kandi bakaba bafite amanota ahagije mu isuzumabushobozi.

Gushyira umukozi mu mwanya nyuma y'ivugurura byubahiriza ihame ryo kwimurira umukozi mu mwanya uri ku rwego rw'umurimo rumwe n'urw'umwanya umukozi yari asanzwe arimo.

Article 29: Appointment after reform

In case institutional reform or organizational restructuring has resulted in changes of job positions and profiles, the public servants of the reformed or restructured institution are transferred to the new institution if they fulfill the required profiles and if they have good marks in evaluation.

Any new appointment after reform must respect the principle that each transferred employee remains within the same job category.

Article 29: Affectation après la réforme

Lorsqu'une réforme institutionnelle ou restructuration organisationnelle a entraîné des changements sur les postes d'emploi et les profils, les agents de l'institution réformée ou restructurée sont transférés dans la nouvelle insitution s'ils remplissent les profils requis et ont de bonnes performances.

Les nouvelles affectations doivent respecter le principe que chaque agent transféré demeure au sein de la même catégorie d'emploi.

Ingingo ya 30: Uburyo bwo gushyira abakozi mu myanya itahinduriwe urwego rw'umurimo

Nyuma y'ivugururwa, iyo abakozi ba Leta bari mu myanya itahinduriwe urwego rw'umurimo cyangwa

